

INYIGISHO YA BURI MUNSI

INGINGO YA 1

Mut-Gash-Wer  
2023

# Inkuru Nziza

BURI MUNSI


**NTA KIGUZI**

KUGURISHWA NTIBYEMEWE

NYIGISHO YAMAZE  
K'WISHYURWA  
N'ABAFATANYABIKORWA  
KUGIRA NGO ISAKAZWE KU  
BUNTU

NKUKO AMAZI AFUTSE AMERERA UMUTIMA WAKA,  
NI KO N'INKURU NZIZA ZIMERA ZIVUYE MU GIHUGU CYA KURE (IMIGANI 25:25)

*Uebert & BeBe*  
**ANGEL**



## UEBERT & BEBE ANGEL

Hamwe n'imyaka y'umurimo w'Imana inyuma yabo, Uebert na Bebe Angel ni abapayiniya n'amajwi ari imbere mu gutangaza Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana (Euaggelion) no gukora kwa gihanuzi ku isi. Hagati muri bo, ni abanditsi bahize abandi mu kugurisha ibitabo bya Spiritual Warfare, Intimacy, Prayer Banks, Supernatural Power of The Believer, n'ibindi. Uebert na Bebe Angel bashakishwa ku ruhando mpuzamahanga nk'abatanga ibiganiro kandi ni abayobozi ku rwego rw'isi, ni ibyitegererezo bikomeye kubw' iyerekwa ryabo, guhanga uduhya, no gushira amanga. Nk'abatangije Itorero ry'ubutumwa bwiza (Spirit Embassy) n'abafite ibiro by'ubuhanuzi, bazanye impinduka mu buzima bw' amamiliyoni y'abantu ku isi hose binyuze mu ishyamba ryabo ryo gucungura ubugingo mu kuzana ihishurirwa ry'Inkuru Nziza y'ubuntu bw'Imana (Euaggelion).





Become a  
**GoodNewsWorld**  
PARTNER



PARTNER NOW AND HELP SPREAD  
THE **GOODNEWS** AROUND THE WORLD

VISIT [www.goodnewsworld.com/partner](http://www.goodnewsworld.com/partner)



**1 Yohana 5:4**

**Kuko icyabyawe n'Imana cyose kinisha iby'isi, kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu.**

Kwizera ni ikintu gikomeye cyane mu isi yose ndetse no mu ijambo ry'Imana. Udafite kwizera ntibishoboka ko wanezeza Imana. Bibiliya ibivuga neza ko utabasha kunezeza Imana udafite kwizera. Kwizera ni ubuzima bw'abakire n'ibyamamare muri Kristo, kuko tubeshwaho no kwizera. Mu kwizera niho dutsindira kd tukanesha ibyo isi itwerekako ko bidashoboka. Mu kwizera niho tugirira kandi tugatunga inyungu zose zaguzwe n'urupfu rwa Yes uku musaraba.

Mu gihe dutangiye umwaka mushya, umwaka w'ijuru ku isi, shyira imbere it-

erambere ryawe no gukoresha kwizera kwawe, kuko ariho intsinzi yawe iri. Kwizera kuzanwa no kumva, kandi kumva kuzanwa n'ijambo ry'Imana gusa. Rero koresha umwanya wose ubonye kugirango wuzuze umwaka wawe ijambo ry'Imana. Soma ijambo. Ukurikire ibyigisho. Ukurikire buri kiganiro, usome ibitabo bigufasha kubaka, gukomeza, ndetse no kongera kwizera kwawe. Aka kanya uko uri gusoma ubutumwa bwiza bwa buri muni kwizera kwawe kuri kwiyongera. Halleluya! Icyiciro cy'ubuzima bwimbitse ni uburyo bwawe bwo kuba umuKristo ukwiriyeko kuba. umuKristo ubaho ubuzima bw'ijuru mu isi.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mbayeho ubuzima BW'IJURU MU ISI. Kwizera kwanjye guhora kwiyongera. Ikibazo cyose mu buzima bwanjye kiri mukaga mugihe nkoresha kwizera kwanjye. Ntabwo nigeze mbura ubufasha kuko kwizera kwanjye kwangize igihangange. Hashimwe Imana!!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yakobo 1:22-25





**1 TIMOTEYO 4:15**

**Ibyo uje ubizirikana kandi abe ari byo uhugukiramo, kugira ngo inyungu zawe zigaragarire bose.**

Benshi muri twe twigishijwe ko kwirata ari bibi, kuko ari ikimenyetso cy'ubwibone no kwiyemera. Mugihe ibyo bishobora kuba ukuri igihe mu mico y'umuntu huzuyemo ubwibone, hari aho ijambo ry'Imana ritwemerera kwirata. Muri Zaburi 34:3 Umwami Dawidi yaravuze ngo "Uwituka ni we umutima wanjye uzirata, abamubabaro babyumve bishime. Ibi bitwerekako ko hari ukwirata abantu bakeneye kumva.

Imana iguha uruhushya rwo kwirata. Mubyukuri, ukurikije icyanditswe cy'uuyu muni ni uburenganzira n'inshingano zawe ko abantu bamenya kugira neza

kw'Imana mu buzima bwawe. Ariko ibyo kugira ngo bibeho ugomba kwiyezeza kubitekerezaho bihoraho.

Mugihe cyo gutekereza, Imana iba iri gutegurana nawe, kandi ishaka ko werekana ibisubizo. Inyungu yawe nicyo kintu cyonyine Imana ishi-shikajwe no kwerekana. Imbuga nkoranyambaga zawe zigomba kuba zuzuye inyungu zawe, ntabwo ari umubiri wawe. Inyungu zawe zigomba kuba ziri hose. Wereke isi ko ubuzima bwawe muri Kristo ari Ijuru ku Isi kandi ko Ijambo rikora buri gihe. Binyuze mu gutekereza, ushobora gutuma ibintu bibaho. Igihe uhise gutekereza, ibintu mu isi y'umwuka irafunguka kuri wowe, ugatangira no kubona ibidasanzwe. Tekereza ku Ijambo cyane inyungu yawe izagaragarira bose.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ibintu biri guhinduka mu buzima bwanjye! Umuntu wese azandeba atangaye, ubwo ndushaho kwerekana kubaho kw'Imana mu buzima bwanjye. Inzira yanjye ni iy'iterambere, kandi mfitibutsinzi bukomeye mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSE**

Abefeso 2:7



**Yeremiya 51:20**

**Uri intwaro yanjye ndwanisha, uri n'intwaro z'intambara, kuko ari wowe nzacagaguza amahanga kandi ni wowe nzarimburisha ibihugu.**

Mu bihe bishize nagize iyerekwa aho nabwiwe kwita ku buzima bwanjye, nahise ntangira imyitozo. Reba, ubuzima bwimbitse ni ukwigomeka ku cyaha. Ni ugukunda icyo Imana ikunda ukanga icyo Imana yanga, kandi kimwe mu bintu yanga ni indwara. Arazanga cyane kuko yamanutse yambaye umubiri arapfa kugira ngo agukureho indwara.

Bibiliya ivuga ko kwitoya k'umubiri kugira umumaro muri bike (1 Timoteyo 4:8). Inatubwira ko inyungu zacu zigomba kugaragarira bose. Bivuze yuko niba hari inyungu, igomba kugaragara.

Hagomba kubaho iterambere rigaragara mu buzima bwawe. Umva, umubiri wawe nicyo kintu cyonyine cyagufasha gukora ku isi. Niyo mpamvu Yesu nawe yambaye umubiri. Kwita ku mubiri wawe rero ni ngombwa

Iyo bigeze ku myitozo, mu mwuka jya wumva ko Imana ikeneye umubiri wawe kugira ngo isohoze ibyo ishaka hano ku isi. Ibi ntibisobanuye kugenda ukishyura mu nzu z'imyitozo. Watangira ukora n'ibyorohere nko gutembera. Kora ibyo ushoboye gukora. Wibuke ko Imana yambaye umubiri wawe, rero ubizirikane ko ugomba kuwitaho muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, kandi uzabona Ijuru Ku Isi.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi intwaro y'Umwami, kandi umubiri wanjye ni intwaro y'Imana yo kurwanya indwara. Binyuze mu mubiri wanjye, akiza indwara, azura abapfuye, yirukana amadayimoni, kandi agakuraho imirimo y'umwijima.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Timoteyo 4:8





**1 Timoteyo 2:8**

**Nuko ndashaka ko abagabo basenga hose barambuye amaboko yera, badafite umujinya kandi batagira impaka.**

Ibiganza byacu ni ibikoresho bitangaje biherereye ku mpera z'amaboko yacu. Dukoresheje amaboko dushobora gufata, gukoraho, kumva, gukorakora, nibindi byinshi. Ndetse niyo turi kuvuga, amaboko yacu ni igice cy'ingenzi cy'abo turi bo ndetse nibyo turi kuvuga. Amaboko ni kimwe mubice ubwonko buba bwitayeho cyane. Mubyukuri igice kinini cy'ubwonko kigenzura ibikorwa by'amaboko. Uretse isura yawe, ukunze kwereka isi amaboko yawe kuruta ibindi bice by'umubiri wawe. Amaboko n'igice cy'ingenzi kubo turibo.

Ntabwo ari impanuka kuba Imana yarahisemo ko amaboko yawe nk'igice cy'umubiri yakoresheya mu gusenga. Wowe wese urera. Yari guhitamo igice icyo aricyo cyose, gusa yahisemo amaboko. Amaboko yawe ntatandukaniywe n'isi gusa ahubwo yatandukaniywe n'Imana kugirango akoresheye ibidasanzwe. Nubwo icyanditswe kivuga 'abagabo' ni imvygo ikoresheya muri rusange bavuga abagabo n'abagore. Binyuze mu maboko yawe, Arekura imbaraga Ze n'urukundo. Imana ishaka gukoresheya amaboko yawe igera kubihebye, ikiza abarwaye, itanga ubuntu Bwayo, garagariza abandi ineza Yayo. Mbega amahirwe yo kurambura amaboko yera mu isengesho!

Uyu mwaka, mu maboko yawe, uzabona Ijuru ku Isi. icyo uzakoraho cyose n'amaboko yawe yera kizatera imbere mu izina rya Yesu!!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Amaboko yanjye niyo Imana ikoresheya irekura urukundo Rwayo n'imbaraga mu isi. Ibiganza byanjye bifite umugisha w'ibimenyetso, n'ibitangaza. Ikintu cyose nkozeho gifera imbere halleluya!!**

**IBINDI BYANDITSWE:** Ibyakozwe n'intumwa 19:11-12



**Intangiriro 13:14-15**

Loti amaze gutandukana na Aburamu, Uwitwaga abwira Aburamu ati “Rambura amaso urebe, uhere aho uri hano, ikasikazi n’ikusi, n’iburasisirazuba n’iburengerazuba. Igihugu cyose ubonye ni wowe nzagiha n’urubyaro rwawe iteka ryose.

Hari igihe nashakaga imodoka nshya, ariko ubukungu bwanyije ntibwahuraga n’icyifuzo cyanjye. Nshaka umurungo unshyigikira. Muri Luka 19:30 Yesu yaravuze ngo, “...muri bubone icyana cy’indogobe kiziritse, kitigeze guheka umuntu.” Indogobe yari Rolls Royce yo mu gihe cya Yesu, kitogeze guheka umuntu bisobanuye ko yari nshya. Noneho narimfite umurungo.

Bibiliya mu Abaheburayo 11:1, “Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa...”. Kwizera ni ikintu; gihagaze muni. Igihe ushaka gukoresha kwizera kwawe, shaka umurungo ushobora guhagarara muni, ntuye aho hantu uhagaze kugeza ikintu wifuza cyasohoye. Bibiliya iravuga ngo nusaba bigendanye n’umugambi w’Imana – ari ryo Jambo ryayo – Irakumva, kandi ubusabe bwawe ukabuhabwa. Rero, nubona icyo wifuza mu Ijambo, Imana ibona ko wakibonye, kandi ko ugifite. Rero, ndakubwira, nk’uko Imana yabwiye Aburahamu mu Intangiriro 13:14, “rambura amaso urebe...” Icyo ari cyo cyose ukeneye, hari umurungo wacyo. Wubone hanyuma uwukoreshe ushiremo! Reba hejuru urebe ibyo Imana igufitiye mu bubiko bwayo. Reba hejuru maze ubone gukira kwawe. Reba hejuru maze ubone ko amafaranga yawe aje, reba hejuru ubone IJURU KU ISI!!!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Amaso yanjye arafunguye kubintu byose ngenewe. Ndatege-tse kandi ntangaza ko mfite ubuntu bwo gukusanya ibyanjye byose no gutunga imitungo yanjye yose mu Izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Yohana 5:14-15





**Abefeso 3:1**

**Ni cyo gituma njyewe Pawulo ndi imbohe ya Kristo Yesu, mbohewe mwebwe abanyamahanga...**

Mu myaka ya za 70, burger king yatangiye ibikorwa byo kwamamaza bikomeye ikoresha ijambo rivuga ngo "bikore mu nzira zawe". Hanyuma, mu mpeshyi mu mwaka 1996 coca cola, aribo bakora sprite soda batangiywe kwamamaza kugira ngo bagere no ku rubyiruko. Bakoresheje ikigo gishinzwe kwamamaza kuko cyari kizwi ku bushobozi bwacyo bwo kwigarurira urubyiruko, nabo bakoresheje ijambo "wubahe icyaka cyawe". Byagenze neza cyane kuburyo bavuguruye ubukangurambaga nyuma yimyaka makumyabiri n'itanu kugirango bagure ubujurire bwayo.

Igitekerezo cyo gukora icyakunezeza ni ikiranga iyi si. Nyamara, ubuzima bwimbitse bufite ikimenyetso. Aricyo cyitwa "ubuzima bubambwe". Pawulo yiyise intumwa y'Imana, nyuma umukozi w'Imana, gusa amaze gusobanukirwa ubuzima bubambwe yatangiye kwiyita imbata ya Kristo. Ubuzima bubambwe ntabwo habamo ubupfapfa bwo kudakora ibyo Imana ishaka, cyangwa ngo urangazwe no guhaza irari ry'umubiri wawe. Ni ubuzima buri muri Kristo by'ukuri, aribwo bugaragazwa n'umwuzuro, imbaraga ndetse no gukora ibyo Imana igushakaho.

Wubashye inyota yawe ariko nta kindi wabonye kitari ibibazo gusa. Wagerageje inzira zawe none uri gushaka inzira zigusohora. Inzira y'Imana niyo nzira ya nyayo, kandi ibyo wakwifuzaga byose nta handi bita uretse mu kubaho ubuzima bubambwe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umuhamya wa Kristu ukorera kandi akagenda muri nje. Ndi umwuka urita iyindi, nkorera hejuru y'imitigo yose y'umubiri. Mfite ubushake bwo kugira uruhare mu buzima bubambwe muri uyu MWAKA W'IJURU KU ISI HALLELUYA!!**

### **IBINDI BYANDITSE**

Abagalatiya 2:20



**Abafilipi 2:5-6**

**Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu. Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa.**

Imbuga nkoranyambaga zituma benshi bifuzaga kumenyekana. Aba pastori ndetse n'abashoramari barishyura amafaranga menshi kugira ngo bamenyekane. Ari ibyamamare cyangwa aboroheje bose baragerageza "kumenywa, gukundwa, no kwizerwa" ku mbuga nkoranyambaga. Byose bijyanye n'izina ryabo ariko ku Mana ubunyangamugayo nibwo bufite agaciro.

Umwami Yesu ntiyigeze akoresha ibyapa, instagram, facebook, cyangwa ngo yiyamamaze kuri youtube. Nta kintu na kimwe yigeze akora ngo yubake izina rye. Bibiliya mu Abafilipi 2:7 (ahubwo yisiga ubusa aiyana akamero k'umugaragu

w'imbata,..." Iri niryongye banga ykoresheje kugira ngo abe icyamamare haba ku isi cyangwa mu isi y'abadapfa. Yakomeje kwibanda ku muhamagaro we ndetse no kwiyegurira Imana. Yakomeje gukora ibyiza no gukiza abantu bose bakandamijwe na sekibi kugeza ubwo Mwuka Wera amubereye umufasha mu mubano rusange. Ese ni bibi kuba washyira ibintu ku mbuga nkoranyambaga zawe? Hoya. Ahubwo koresha imbuga nkoranyambaga zawe nk'igicaniro – reka abantu bakubone nk'icyapa kibajyana kuri Kristo.

Iyo Imana iri kumwe nawe, icyo ni byose uba ukeneye. Ibyo ukora nta muntu numwe uri kukureba nibyo bishishikaje Imana. Niwicara ugasoma Ijambo ukavumbura intego mu buzima bwawe, uzavumbura uwo uri we, n'ibyo ushoboye. Gukundwa ukeneye ni ukw'Imana gusa. Ntugashake guhora ushimisha abantu. Ntukabe umuntu wo kwiyubakira izina maze uzarebe ukuntu Imana ikugira icyamamare.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfite umurongo ngomba gukurikira. Imana ni ubuzima bwanjye, kandi ubuzima bwanjye ni ubw'Imana. Ndi icyamamare mu kuzana abantu kuri Kristo, icyamamare mu gukora iby'Ijambo, icyamamare mu kwizera gukomeye nk'imvubu – ndi umuntu kandi ndi icyamamare muri Kristo Halleluya!**

**IBINDI BYANDITSWE:** Ibyakozwe n'intumwa 10:38





**Ibyakozwe n'intumwa 6:8**  
**Sifano wari wuzuye ubuntu bw'Imana**  
**n'imbaraga, yakoreraga mu bantu ibi-**  
**tangaza n'ibimenyetso bikomeye.**

Yesaya 40:31 ni umurungo wakoreshejwe nabi cyane. Uravuga ngo "Ariko abategereza Uwituka bazasubizwamo intege nshya" benshi bakoresha uyu murungo batinza ibikorwa bagategereza ko hari icyahinduka ndetse bikanaba bibi "bategereje" Imana ko haricyo yakora. Gusa wumve neza ko Imana yakozwe ibyo yagombaga gukora byose, gutegereza Imana nta na rimwe ubikora wiyicariye. Iri ni isomo rikomeye cyane cyane nkuko turi mu mwaka mushya, umwaka w'Ijuru ku Isi! Ndabizi benshi muri mwe mwari 'mategereje' ikintu kimwe cyangwa ikindi ko kiba, gusa uko I ugutegereza kubi. Reka nkwereke.

Iforero rya kera igihe ryakuraga, abigishwa bahisemo abagabo buzuye Umwuka Wera babafasha kugabura ku meza. Stefano yarari muri bo. Gutegereza Imana kwe ntibyarari ukwicara ngo utegereze icyo Imana ikora. Ahubwo uko yagaburaga ku meza, yakoraga ibitangaza, atanga ubwenge. Yari yuzuye Umwuka w'Imana kuburyo yaguherezaga isahani, kanseri ikagenda. Yahanaguraga intebe, umuntu ukurikiye yayicaramo akabohoka. Hallelujah!!

Rero, ikindi gihe uzaba uri gutegereza gutegereza Imana, uzashake ibyo uhugiramo! Uzura Umwuka wera ujye hanze ukore ibitangaza bitaron-doreka mu bantu. Uko niko gutegereza Imana yemera kandi nicyo Imana gutegerejeho.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi utegereza Imana, ndiho kugira ngo mukorere. Mu gutegereza kwanjye, nkora ibitangaza, n'ibimenyesto mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Ibyakozwe n'intumwa 6:1-10



**Yobu 23:12**

**Ntabwo nasubiye inyuma ngo mve mu mategeko yategetse, Ndetse amagambo yo mu kanwa kayo yambereye ubutunzi, Bundufira ibyokurya binkwiriyeye.**

Igifu cy'umuntu mukuru kirimo ubusa gishobora kwakira amazi ari muni ya litiro, ariko iyo yariye gishobora kwakira litiro ebyiri kuri enye. Igifu cyawe gi-komezwe kuba kinini kereka iyo umuntu abazwe bakakigira gito. Nubwo igifu cyaguka cyane ariko birashoboka ko warya ibiryo byinshi kugera naho giturika.

Umwuka wawe nawo ugira urasonza. Uba ushaka kurya Ijambo buri kanya. Nawo uraguka kuburyo ubasha kwakira ibyo ushyizemo byose. Ariko

akarusho nuko umwuka ufite ubushobozi butagira imipaka. Uko urushaho kuwaha Ijambo ryinshi niko waguka kurushaho udaturutse. Kandi iyo mu mwuka wiyongereye ntushobora gusubira uko wanganaga mbere.

Kuki wahitamo kuwaha litiro ebyiri kandi ufite ubushobozi butagira imipaka? Nonaha umwuka wawe usonzeye Ijambo. Ntuzakore ikosa ryo kwirebera mu ndorerwamo y'umwuka ngo ubone ubyibushye cyane. Gukora ibyo ni ikimenyetso cy'imirire mibi mu mwuka. Bibiliya itubwira ko umuntima w'umunyabuntu uzabyibuha. Ube umunyabuntu usoma Ijambo, umenya neza ko umwuka wawe udashobora kurenza urugero. Rero, jya mu Ijambo byimbitse, atari mu bwiza gusa ahubwo no mu bwinshi.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Inzara yanjye y'Ijambo iriyongera buri muni. Ndimo ndakura mu buntu, kandi Ijambo ririyongera mu buryo budasanzwe muri buri gace k'ubuzima bwanjye.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 11:25





**Zaburi 45:2**

**Umutima wanjye urabize usesekara ibyiza, Ndavuga indirimbo nahimbiye umwami, Ururimi rwanjye ni ikaramu y'umwanditsi witeguye.**

Hari abanditsi benshi ba bibiliya ariko umutangiza ni umwe. Bibikiya ivuga ko abera bandikaga babihawe na Mwuka Wera. Mwuka Wera ahora agambirira kandi atoranya mu magambo ye. Rero, ni inyungu zawe kwiga no gusoma ibyanditswe kugira ngo ubashe kuvumbura ibirenze ibyo tubona byanditswe mu mpapuro za bibikiya.

Icyanditswe cy'uyu muni kigereranya ururimi cyangwa se kuvuga nk'ikaramu cyangwa kwandika. Bisobanuye ko iyo uri kuvuga, ibintu biba biri kwandikwa. Gusa si ikaramu ya buri wese.

Ni ikaramu "y'umwanditsi witeguye". Umwanditsi witeguye ni ubifitiye ubumenyi n'ubushobozi. Umwanditsi witeguye ntiyandika rimwe ngo atereke ikaramu hasi, hoya. Umwanditsi witeguye aba afite ibikoresho aho ari hose.

Amagambo yawe aha umurongo ubuzima bwawe. Bityo rero, jya uvuga amagambo wasubiramo, wahora wibuka, wakomeza wumva. Niba wumva utazi ayo wavuga, jya muri bibiliya mubitabo bya Pawulo urasangamo amagambo meza wajya uhora usubiramo. Ni amagambo yahawe n'Imana kandi yuzuye ubuntu. Nkuko abera bayoborwaga n'Umwuka Wera, uko witoza Ijambo ry'Imana, ubuzima bwawe buzatere imbere kandi buzazamuka muri uyu mwaka mushya!!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umwanditsi w'ubuzima bwanjye. Mvuga amagambo yahumetswe gusa kandi atuma ubuzima bwanjye butera imbere. Ndi umukungu. Ndi gutera imbere. Nahawe byinshi cyane mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 petero 1:16-21



**Intangiriro 3:19**

**Gutububikana ko mu maso hawe ni ko kuzaguhesha umutsima, urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka kuko ari mo wakuwe: uri umukungugu, mu mukungugu ni mo uzasubira."**

Waruzi yuko nk'umwana w'Imana utaremewe guhangayika mu buzima? Ni ikibazo gikomeye kuba ubira ibyuya (uvunika) kugira ngo ubone akazi, utunge byinshi, cyangwa ngo ugire ibintu byiza mu buzima. Ndakumva neza, urimo uribaza uti nonese icyanditswe tumaze gusoma? Nishimiye ko ubyibajije.

Kiriya cyanditswe ni icy'umuntu waguye, Adam. Wari umuvumo, kandi wowe nturi mubavumwe, kuko ijambor y'Imana rivuga ko Kristo yaducunguye kugira ngo dukizwe umuvumo. Bibikiya

ivuga ko mu mibabari ya Kristo, n'ibyuya bye byari bimeze nk'ibitonyanga by'amaraso. Yabize ibyuya mu mwanya wawe. Yaje kugira ngo aguhe ubuzima busendereye, bwuzuye kugira ngo utazahangayika cyangwa ngo ubabazwe ubushaka.

Uri ukusanya ubuntu ntabwo uri umukozi w'ubuntu. Ufite ubuntu bwo guterimbere, si ubuntu bwo kuvunika cyane. Uyu mwaka twawuhawe n'Imana nk'Umwaka w'Ijuru Ku Isi – ntugomba guhangayika. Washyizweho n'Imana kumara iminsi yawe mu iterambere n'imyaka yawe mu byishimo n'umunezero. Byakire wizeye, byature, imishinga yawe izatera imbere.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ibyuya byo guhangayika ntibyemewe mu buzima bwanjye. Imigisha Imana itanga ni iyanjye kandi nanze guhangayika. Ndahamagara abaguzi n'amaseserano mashya mu mishinga yanjye nonaha. Ndategeka imishinga yanjye yose kwaguka mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abagalatiya 3:13





**Abagalatiya 2:20**

**Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira.**

Kwizera ni ingingo udashobora kurambirwa mu gihe uri hano ku isi. Kwizera ni imibereho yawe. Bisobanuye ko ibyo ufite cyangwa ukoresha muri ubu buzima byose bibonerwa kandi bigakoresherewe mu kwizera. Yewe n'umubiri wawe ukomezwa kubwo kwizera.

Icyanditswe yu muni kivuga ko kwizera kw'Umwana w'Imana ari nako gukomeza imibiri yacu. Mbere yuko Yesu aza, agapfa, akazuka uburyo bwo nyine bwo kubaho mu mubiri bwari

mu maraso y'umubiri, ariko ubu, ntukigengwa n'intege nke z'ubwoko bw'amaraso A, AB na B. Ubeshwaho no kwizera!

Dore igice cyiza rero: ntukeneye kugira uku kwizera biturutse muri wowe ubwawe. Nta magufwa y'umubiri cyangwa uturemangingo twawe bikenewe, kuko ubu uri inyama z'umubiri We n'igufwa ry'amagufwa Ye. Imana yaguhaye ukwizera kwayo. Kubera iki? Kuko Imana igukunda! Rero, bwira iyo ndwara iri mumubiri. Uyibwire ko ubayeho ubuzima bw'ijuru ku isi, mu kwizera kw'Imana. Kandi ari nta buryo na bumwe indwara, virusi cyangwa udukoko duta twose twaguma mu mubiri wawe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Umubiri wanjye ntugira indwara n'imwe. Nta ndwara nimwe cyangwa ikimenyetso cy'urupfu byaguma mu buzima bwanjye. Ndi umubiri w'umubiri We igufwa ryo mu magufwa Ye. Kubwibyo, umubiri wanjye uruzuye mu izina rikomeye rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abefeso 5:30



**Abakolosayi 2:15**

**Kandi imaze kunyaga abatware n'abafite ubushobozi, ibahemura ku mugaragaro, ibivuga hejuru ku bw'umugaraba.**

Igihe Yesu yarari ku musaraba, yari yikoreye ibyaha byose by'abantu bo ku isi. Igihe apfa yagiye ikuzimu, maze satani n'abambari be baramufata. Bibwiraga ko "noneho bamufashe burundu" gusa baratangaye cyane ubwo yabishikuzaga nk'uwikuraho udukoko twamugiyeho.

Yesu yamwikuyeho nk'uwikuraho agakoko gato, nkuko satani ari, kaba kamugiyeho. Gusa wumve ko ibyo yabikoze nk'umuntu. Yarataravuka ubwa kabiri kuko yaratarazuka cyangwa ngo amaraso abe ari ku ntebe y'imbabazi.

Noneho, niba umuntu, Yesu, yatsinda satani n'abambari be mu butaka bwa satani, ibaze wowe ibyo ushoboye gukora?

Hari igihe wumva umeze nkuri guca mu kuzimu. Ubu ni uburyo bukabije bwo kuvuga ko uri kunyura mubikomeme. Gusa menya ko: ntukeneye gutsinda satani, kuko yaratsinzwe! Niba ukeka ko satani ari kuguteza ibibazo, ibyo bisobanuye ikintu kimwe, ari kukurenganya kandi ufite ububasha bwo kukwirukana! Muri wowe harimo uwikunkumuye satani akamwikuraho. Niwe Jambo, ubwo yikuragaho satani ni Ijambo ryabikoraga. Nawe wabikora.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ijambo ry'Imana riri muri nje no mu kanwa kanjye ni umuti wica sekibi. Sintinye ikibi icyo aricyo cyose, kuko Imana iri muruhande rwanjye!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yesaya 14:16





**1 Samweli 2:1**

**Maze Hana arasenga ati“Umutima wanjye wishimire Uwiteka,lhembe ryanjye rishyirwe hejuru n’Uwiteka.Akanwa kanjye kagukiye ku banzi banjye,Kuko nejewe n’agakiza kawe.**

Hari ibiremwa dusanga ahantu kure cyane. Urugero, igifi kinini cy’ubururu kizwi nk’inyamaswa nini ya mbere ku isi yewe iruta na za dinozoro twumvise. Ipima ibiro ibihumbi magana atatu birenga - uburemere bungana n’ubw’inzovu 33 - uburebure bungana na metero 30. Ni nini kuburyo umwana wayo usanga afite ibiro byinshi kurusha inzovu nkuru yo muri asia. Ntuzigera usanga ikiremwa nkicyo ahantu hose.

Nkuko wabitekereza ikinyamanswa nkicyo ntigisakuza. Ariko mubyukuri iki

gifi kiri mubiremwa bigira urusaku rwinshi cyane. Bishobora kuvugana bikumvikana mu ntera y’ibirometero byinshi cyane. Abantu ntibashobora kumva amajwi yabyo kuko bikoreshwa amajwi ari hejuru y’urugero rw’amajwi abantu bumva. Ibi bituma tumenya ko hari amajwi yage-newe ibiri kure byimbitse.

Muri uyu mwaka w’Ijuru ku Isi, muri ubu buzima bwimbitse, ijwi ryawe rigomba guhinduka, kuko cyaba ari ikibazo kubaho ubuzima bwimbitse ariko ijwi ntirihinduke. Atura ibintu binini. Ntabwo uri insubirajwi. Uri ijwi, kandi iryo jwi rizarangururwa kandi ryumvikane. Mu Izina rya Yesu, mu bubasha mpabwa n’Umwuka ndatura ko akanwa kawe kaguka imbere y’abanzi bawe, kandi amagambo yawe ahabwa imbaraga!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Amagambo yanjye aremerejwe n’ubwiza bw’Imana. Kubwibyo, iyo mvuze, ibinyegereye byose bigomba gusubiza. Rero, ndatura gusanwa mu buzima bwanjye. Amafaranga araje, kandi herezo ryanjye ni ryiza mu izina rya Yesu.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Petero 4:11



**Mariko 16:15**

**Arababwira ati “Mujye mu bihugu byose, mwigishe ibyaremwe bose ubutumwa bwiza.**

Turi mu bihe byanyuma, nibyo bihe bihimishije kuko itorero rizazana abantu benshi kuri Kristo uko bitigeze kubaho. Ubutumwa bwiza bugomba kwigishwa mu mbaraga zose, mu bunyanga mugayo, n’ishyamba ryinshi nkuko twitegura kugaruka vuba kw’ Umwami wacu.

Tugomba kujya mu mahanga yose tukabwiriza ubutumwa bwiza kandi ubwo butumwa bwiza ni bwiza cyane kuba impamo.)))))))))) Isi igizwe n’umubumbe n’ibiwurimo byose kandi ibirimo si abantu gusa. Bibiliya itubwira kubwiriza “ibyaremwe byose” kandi ibyaremwe

ni ikintu cyose cyaremwe.

Wemerewe kubwiriza ibyaremwe byose, bisobanuye ko nibwo tubona bitagenda bitavuga byose bifite ubushobozi bwo kukumva. Yesu yavuze ko abantu bacecetse amabuye yarangurura akavuga (Luka 19:40). Bivuze ko amabuye ari kumva. Kandi rimwe na rimwe yasubizaga igiti, bisobanuye ko ibiti byumva kandi bigasubiza. Abashakashatsi berekanye ko ibiti bivugana ubwabyo. Niba ibiti byabasha kumva, amafaranga yawe nayo yakumva. Niba amabuye yumva, icyo kibyimba ,iyo ndwara nayo yakumva. Ikintu cyose kitagendaga uko ubishaka kirumva; inkuta zirumva. Tangira uvuge, ubwirize ikintu cyose kiri iruhande rwawe ubutumwa bwiza.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ubuzima bwanjye burangwa no gutsinda no gutera imbere bihoraho. Ni Ijuru rya nyaryo ku Isi! Sinatsindwa, kuko mvuka ku Mana, kandi Imana ntijya itsindwa. Ndashoboye kandi nkora neza mubyo nkora byose. Ibintu byose mubuzima bwanjye biri kuba byiza.**

**IBINDI BYANDITSWE:** Abaroma 8:19





**Luka 5:4**

**Arangije kuvuga abwira Simoni ati "Igira imuhengeri, mujugunye inshundura murobe.**

Imana yaduhaue ikoronabuhanga ry'ijwi kugira ngo duce kandi dushyireho inzira abamarayika banyuramo. Iyo uvuze, ijwi ryawe rihinduka uburyo bwo gutwara imyuka kugira ngo isohoze icyo wavuze. Rero, iyo uvuze uba uhaye imbaraga imyuka. Ubwoko bw'imyuka ihawe imbaraga bugengwa n'amagambo wavuze.

Iyo uvuze ubwoba, indwara n'urupfu, uba uri guha imbaraga abadayimoni ngo bakore kubyo wavuze. Amagambo mato mato nka "amaguru aranyishe", "inzara iranyishe" ahereza abadayimoni imbaraga kugira ngo

basohoze ibyo wavuze bibe. Uko niko amagambo akomeye, ari nayo mpamvu ugomba kwitondera gutondeka neza amagambo yawe ukoresheje Ijambo ry'Imana.

Iyo wiyemeje gukora gusa ibyo Imana ikubwira gukora, urwego rwawe mu mwuka rurazamuka kandi n'amagambo yawe arahinduka. Amasengesho yawe ntaba akiri ayo gusaba gusa. Ahubwo ahinduka umwanya mwiza wo kuganira n'Imana, cyangwa utegeka unatanga za uko wifuxa ko ibintu bigenda mu buzima bwawe. Uko ujya mubujyakuzimu hasi cyane niko ijwi naryo rirushaho kugenda riyhuta mu mazi, uko urushaho kujya mu Mana byimbitse niko ibyo watura byiyongera kandi ibisubizo byawe bikihuta uko uvuze Ijambo.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Akanwa kanjye ni umucaraka w'Ijambo ry'Imana. Mvuga gusa ibizana imigisha yanjye. Namaganye Ijambo ribi ryose ryavugawe ku iterambere ryanjye, kandi nta muvumo uzigera ungeraho.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 103:20



**2 Samweli 22:12**

**Umwijima iwugira ihema ryayo riy-  
igose, Igotwa n'ibirundo by'amazi, Ni  
byo bicu bya rukokoma byo mu ijuru.**

Ese wigeze ugendera mu cyumba kiri-  
mo urumuri uguhita watsa amatara?  
Utagize icyo ubona cyangwa wumva  
watangiye gutekereza hari ikintu kibi kiri  
aho muri icyo cyumba, gusa ucanye  
amatara usanga nta kintu na kimwe gi-  
hari cyo gutinya. Usubiye inyuma usan-  
ga ari ibintu bisekeje, ariko byerekana  
uko abaKristo benshi begera Imana.  
Bavuga ko bashaka kugirana n'Imana  
ubusabane bwimbitse, gusa usanga  
batinya ibyo batabona.

Kubw'iyi mpamvu abantu benshi bit-  
wa abashaka Imana, gusa benshi nti-  
bafite amahirwe yo kwitwa abakiriye

Imana. Mose ni umwe mu babikoze. Ubwo abari bamuri hafi bahun-  
gaga Imana, Mose yegereye umwijima ukabije aho Imana yariri. Um-  
wijima n'umucyo ku Mana ni bimwe. Imana ikikijwe n'umwijima, ivugira  
mu mwijima, igendera mu mwijima mwinshi muni y'ibirenge Byayo.  
Ihamagara umucyo iwukuye mu mwijima.

Ubuzima bwimbitse ni ubw'abantu bakiriye Imana basobanukiwe kwa-  
kira no kugendana icyubahiro cy'Imana. Ibi bisaba umucyo w'Ijambo  
ry'Imana. Rero, nta mpamvu yo kugira ubwoba bw'umwijima. Nkuko  
ucana itara mu cyumba kirimo umwijima, abe ari nako ucana itara mu  
Ijambo ry'Imana. Nkuko itabaza ritumurikira ari Ijambo ry'Imana.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi urumuri mu bukungu, mu mafaranga, mu mitungo ifimu-  
kanwa, mu bucuruzi ndetse no mu Mwuka. Nkorera mu kuri  
kw'Ijambo, kubwibyho sintinya umwijima.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 119:130





**2 Timoteyo 1:7**

**Kuko Imana itaduhaye umwuka w'ubwoba, ahubwo yaduhaye uw'imbaraga n'urukundo no kwirinda.**

Mu gihe cy'icyorezo, cyangwa se icyirezo cyateguwe, kompanyi z'ubwishingizi n'amazu yo gushyingura byateye imbere cyane. Bitewe na raporo zari ziteguwe neza abantu benshi batangiye kumva ko ubuzima bwabo buri mu kaga. Bakomeje kwibutsa uko ubuzima bwabo buri mu kaga bageraho barabyizera.

Tuba muri sosiyete iterwa ubwoba aho twibasiwe nubutumwa buvuga ko ibibazo biri hafi. Mubyukuri, muri buri gice cy'ibihe, harimo ubwoko bwinshi bw'ibiahoboka, n'ihuriro ry'amahirwe menshi, kandi siko byose ari byiza. Abadayimoni nabo bagerageza gukore-

sha ubwoba bwawe bashyiraho imigambi yabo nkaho ari amwe mu mahirwe. Gusa Imana irenze ubwoba bwawe.

Urufu rwatsinzwe n'Umwami Yesu, kandi umwanzi nta bubasha bwo kukwica afite! Ikintu cyica abantu ni ubwoba bwabo. Ubwoba butera abantu kuvuga amagambo aha imbaraga imirimo y'abadayimoni. Gusa ntidukorera mu bwoba ahubwo dukorera mu kwizera. Iyo tugenda, tugendera muni y'uburinzi bw'Ijambo ry'Imana. Rero, jya muri ubwo butembere, ujye muri izo nama, ujye utwara ufite amahoro n'umutuzo uzi neza ko uwatsinze urufu ari kumwe nawe kandi akurinze kandi agukomeje.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ngenda mu mahoro. Ntabwo nzarambirwa urugendo. Nzaruha nimugoroba nta bwoba, nsinzire neza nijoro. Ntabwo nzahagarikwa umutima n'intabaza cyangwa ibitunguye cyangwa gukeka ko umunsi mubi uri hafi. Kuko Imana iri kumwe nanjye; izandinda kandi izankomeza.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 3:23-26



**Luka 10:10-11**

**Ariko umudugudu wose mujyamo nti-babakire, musohoke mujye mu nzira zawo mufi 'Umukungugu wo mu mudugudu wanyu wari ufashe mu birenge byacu, turawubakunkumuriye. Ariko mumenye ibi yuko ubwami bw'Imana bubegereye.'**

Muri uyu Mwaka w'Ijuru Ku Isi, kuzana abantu kuri Kristo ni ihame si amahitamo, kandi kwirengagiza uyu mukoro bikuzanira ingaruka zikomeye. Kubaho iteka kw'umuntu runaka kugendera ku ruhare rwawe mu kuzana abantu kuri Kristo. Ariko, hari n'ingaruka mbi kubantu banga imbaraga zawe z'ivugabutumwa.

Urabona, Imana yaguhinduye umurinzi w'amahoro Yayo. Muri Yohana 14:27

Yaravuze ngo Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye". Wahawe imbaraga zo guha abantu amahoro ndetse no kuyabaka. Ijambo ry'Imana rivuga ko nimwinjira mu nzu, ukabaturaho amahoro, amahoro y'Imana azabazaho (Matayo 10:12-13). Nanone rivuga ko nujya kubwiriza ubutumwa bwiza hanze, umuntu uri kubwira akanga kumva inkuru nziza umubwira, uzakunkumure umukungugu wo mu nkweho zawe (Matayo 10:14). Kubera iki? Kubera yuko ntabwo ari wowe banze kumva ahubwo banze kumva Umwami Yesu ubwe. Kwanga kwakira Yesu ni ukwizanira urubanza kuri wowe.

Ubeho uzi neza yuko uri umutunzi w'amahor ya Yesu. Kandi uko ujya hanze kubwiriza ubutumwa bwiza, ugendere mu bubasha Imana yaguhaye, umenye neza ko ufite imbaraga zo gutanga amahoro ndetse nizo kuyaka abayafite.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umurinzi w'amahoro y'Imana ava mu ijuru. Kubwibyho, ntwaye umwuka w'amahoro aho njya hose.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Luka 10:5-6, 10-12





**Intangiriro 2:18**

**Kandi Uwiteka Imana iravuga iti “Si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye.”**

Ubwo twese tubizi yuko Umwami agiye kuza, abaKristo benshi baratekereza gushakana. Abamaze gushakana baratekereza uburyo babibiyaza umusaruro bitewe n'igihe gito gisigaye. Abakiri ingaragu nabo barifuzaga gushakana hakiri kare mbere yuko Umwami Yesu agaruka.

Bibiliya itubwira ko Adamu yari wenyine. Ntivuga ko yari yigunze. Hari itandukanira hagati yo kuba wenyine no kuba wigunze. Ushobora kwigunga kandi uri mubantu. Ariko uba uri wenyine iyo hari ikidahari. Igihe Adamu yashakanaga na Eva, byari ukubera ko

hari ubufasha yarakenewe mu nshingano z'Ubwami.

Ni iby'agaciro cyane ko twese twumva impamvu yo gushakana, kugira ngo mugihe gito dusigaje hano ku isi tuzabikoreshe iby'umumaro. Gushyingirwa ni iby'umurimo w'Imana. Si ibyo kugira ngo tworokere, Ntabwo ari ibijyanye nuko ugaragara, isura, cyangwa ubukungu, nubwo ibi bintu nabyo bigenderwaho. Umurimo w'Imana niwo w'ibanze. Niba wakora byinshi mu bwami bw'Imana warashatse kuruta utarashatse, iyo niyo ngingo ya mbere yo kugenderaho. Ntukarangwe n'ibitekerezo by'isi kubijyanye n'urushako. Wite ku murimo wawe mu Bwami, uzishimira ijuri hano ku isi mu rushako rwawe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Yesu ni we nshyira imbere. Kubwibyo, ndamwihaye wese kubw'Umurimo.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Intangiriro 2:18-24



**Abefeso 5:27**

**aryishyire itorero rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo, ahubwo ngo ribe iryera ridafite inenge.**

Iyo abagize umuryango w'ibwami w'Ubwongereza bagenda, baba bazengurutse.

Uko ujya hejuru mu muryango w'ibwami niko abakugenda iruhande nabo biyongera. Igihe Umwamikazi Elizabeth II yarakiraho, yagendanaga n'abantu bageze kuri 34. Bitewe n'ibyo agiyemo bashoboraga kwiyongera bakagera kuri 50. Abamuherekeza bagizwe n'itsinda ry'abakozi, abamufasha ndetse n'abamuba hafi baherekeza kandi bakikiza umwami.

Bamwe mubamuherekeza bagenda mbere y'igihe kugira ngo batunganye ibintu byose umwami naza asange byose biri mu buryo. Bakanategura ahantu umwami yinjirira. Umwami w'Abami ari hafi kuza, kandi uri mubamukikije bamuherekeza. Uri gutunganya inzira ye yo kuza.

Bibiliya ivuga ko azaba aje gutwara itorero ritagira ikizinga cyangwa umunkanyari. Ufite amahirwe yo kwemeza ko itorero ryiteguye kuza kwe, uhereye kuri wowe. Rero, ubwo utegura icyo ndirimbo, utegura icyo cyigisho, wakira abashyitsi mu rusengeru, urivgukora inshingano zawe nk'umuntu w'ixyubahiro mubagenda bakikije Umwami. icyo ukora cyose mu nzu y'Imana, ugikore ugishyizeho umutima ubizi neza ko uri gutegurira inzira Umwami.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umwe mubagenda bakikije Umwami. Ntegurira Umwami aho azaca nagaruka. Ndi uhagarariye kumugaragararo igihugu gikize cyane kwisi no hanze yayo!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abakolosayi 3:23





**Abacamanza 16:6**

**Nuko Delila abaza Samusoni ati “Ndakwinginze, mbwira aho imbaraga zawe nyinshi ziva n’icyakuboha ugashoboka?”**

Ese wigeze ureba filimi cyangwa usome igitabo kivuga ku nkuru ya Samson? Agaragazwa nk’umuntu wigihangange, nka Schwarzenegger mu gihe cye. Samson azwi ku mbaraga nyinshi yarafite, umutekereje uko byaba byumvikana, ariko siko yanganaga. Imbaraga z’umubiri wa Samson ntiwari kuzibonera ku maso umurebye, niyo mpamvu Abafilisitiya bakoze ibishoboka byose kugira ngo bamenye ibanga ry’imbaraga ze.

Nk’abaKristo, duhura nicyo kibazo. Turenze kuba abantu, ariko dutuye mu isi iturebera inyuma uko tugaragara. Ukoreshye ijisho rya muntu, tugaragara nkabataraho, nk’abanyanteye nke, ariko siko turi. Bibiliya iravugaga ngo dufite ubutunzi mu nzabya z’ibumba, bisobanuye imibiri yacu. Dufite Imana muri twe, Ishobora byose Yaremye isanzure, nta kintu cyoroshye kuri twe.

Abayobozi iyo bari kubarura abantu baribeshya natwe bakatubaramo. Batubara mu ma biliyoni y’abantu batuye iyi si, gusa ntituri aba hano. Rero, ntukagire ikibazo iyo abantu bakurehye bakagusuzugura bakeka ko umeze nkabo cyangwa uri hasi yabo. Ibyo nibyo bakoreye Yesu. Reba hejuru ugende wemye kuko Imana iri muri wowe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfite imbaraga muri njyewe. Kuko Umwuka w’Imana ari gukorera muri njyewe. Nkorera ku murongo umwe hamwe n’Imana. Imbaraga ze muri nje ntawazihakana.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abikorinto 4:7



**Gutegeka kwa Kabiri 30:19**

Uyu muni ntanze ijuru n'isi ho abahamya bazabashinja, yuko ngushyize imbere ubugingo n'urupfu, n'umugisha n'umuvumo. Nuko uhitemo ubugingo, ubone kubaho wowe n'urubyaro rwawe,

AbaKristo ubundi ntibagombaga gupfa. Niko kuri kwacu. Bishobora kugutangaza kuko twamaze kumenyera inikorere yiyi si aho bavuga ko ntawakwirinda urupfu, ariko ntiruri ab'iyi si. Bibikiya itubwira ko gupfa ari amahitamo, no kubaho ari amahitamo. Rero, iravugaga ngo "hitamo ubuzima!" Bisobanuye ko niba wahitamo ubuzima, wahitamo kudapfa.

Urupfu rw'umubiri rwamaze kwemerwa mu mucu w'itorero, byabaye ibisanzwe gutekereza ko umuntu apfa. Abigisha benshi bakoresha umurongo wo mu Abaheburayo 9:27 "Kandi nk'uko abantu bagenewe gupfa rimwe". Bibiliya itubwira ko Yesu yabfiriye abantu bose icyarimwe, kandi igihe apfa, wapfanye nawe. Rero nawe wapfuye rimwe!

Ibyo twita ibisanzwe kubandi bari murusengero si ibisanzwe kuri twe twahisemo ubuzima bwimbitse. Ntabwo urupfu no gupfa twabifata nk'ibisanzwe. Muri ubu buzima bw'ijuru Ku Isi ntuzahitemo gupfa. Wange gupfamu Izina rya Yesu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nanze gupfa! Sinjya ncika intege cyangwa ngo ndware. Ubwenge bwanjye buguma ku murongo kandi busobanutse. Umubiri wanjye uhabwa imbaraga n'Umwuka w'Imana, kandi ntuzatsindwa. Sinzapfa ahubwo nzarama kugira ngo mbone umunsi mwiza Yesu azaza gutwara abe!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 6: 3-9





**Yohana 1:14**

**Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n'ukuri.**

Bibiliya itubwira ko Ijambo ryahindutse umuntu. Bisobanuye ko Jambo mu mwanya we wa mbere atahoze ari umuntu. Yari Umwuka uri mu mubiri. Agendagenda ku isi, kandi abana natwe. Ubwo Yesu yarari mu isi y'Umwuka, yari Umwuka, washatse icyo anyuramo, aricyo twita umubiri. Amagambo yawe ashobora kubaho mu Mwuka adafite umubiri, kuko bibliya ivuga ngo "amagambo mbabwiye ni Umwuka". (Yohana 6:63)

Imana yakuzanye kuri iyi si mu mbaraga z'Ijambo, kandi yaguhaye nawe ubwo bubasha bwo kurema. Ibyo bisobanuye neza ko ushobora gutuma umwuka - ariyo magambo uvuga - ahinduka ibifatika. Ushobora kuvuga ngo amafaranga araje, agahinduka ibifatika muri konti yawe. Kimwe niko iyo uri kuja impaka n'umuntu, amagambo uvuga aba ari umwuka. Niba wise umugore wawe cyangwa umwana wawe igicucu, imbaraga z'igicucu mu mwuka nizo uzababona.

Umwuka uri mu Ijambo ry'Imana ntushobora gupfa kuko ufite ubuzima bw'Imana. Rero niba wavuze amagambo ntacyo witayeho, ukeneye guhamba ayo magambo ukoresha andi magambo ayavuguruzaga. Amagambo yawe arakora kubwawe, rero, wite ku kuvuga amagambo meza azana Ijuru ku Isi!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfite Umwuka w'ubwenge no kwifata. Kubwibyon icyo mvuze, amagambo yanjye arapimwe. Ndema ubuzima nifuzaga, kuko amagambo yanjye ayobowe n'Umwuka w'Imana.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Umubwiriza 5:2



**Itangiro 1:2**

**Isi yari itagira ishusho, yariho ubusa busa, umwijima wari hejuru y'imuhengeri, maze Umwuka w'Imana yagendagendaga hejuru y'amazi.**

Iyerekwa ni ishingiro rikenewe ku bahindura isi bose. Iyerekwa ryawe rigufasha kumenya amagambo ukwiriye gukoresha. Imana ijya kurema isi yatangiriye ku iyerekwa. Itangira kureba aho ibiti bizajya, aho amazi azatamba aturuka, naho azagarukira. Ireba aho intare zizaba, nicyo umuntu azarya. Nyuma ya racaph (gukomeza utekereza ikintu kimwe inshuro nyinshi zihindagurika), hanyuma yibyo akaba aribwo arekura ijambo, "ni habeho!"

Niba ufite iyerekwa noneho wavuga. Wuzuzwa iyerekwa ryawe aruko usomye

Ijambo ry'Imana unibwira wowe ubwawe uko ushaka ko ibintu bigenda. Iyo wuzuye Umwuka w'Imana, ujye uvuga amagambo agufitiye umumaro.

Bibiliya itubwira kwikomeza ku Mwami. Rero, guhera uyu muni jya wirata! Ntiwirebe nkuko uri uyu muni, ahubwo uko uzaba uri. Reba Ijuru ku Isi! Jya wibwira uti "ndi mugari!" Abe ariko wireba kuko ariko Imana nayo ikubona. Kandi ujye ukomeza wibwire iryo yerekwa rinini ufite. Nk'umuco dufite, dufite indamukanyo igira iti "inkuru nziza kuri wowe" gusa ubwo utangaza inkuru nziza ku bandi jya wibuka kwibwira inkuru nziza nawe ubwawe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi mugari! Nta muntu ukora nkibyo nkora wandusha. Ni nje kintu cyiza cyabaye ku muryango wanjye n'abankikije. Ndi igisubizo cy'Imana ku bibazo binkikije. Hallelujah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Ibyahishuwe 1:18





**1 Timoteyo 6:12**

**Ujye urwana intambara nziza yo kwizera usingire ubugingo buhoraho, ubwo wahamagarirwe ukabwaturira kwatura kwiza imbere y'abahamya benshi.**

Mu mukino w'iteramakofi, si byiza kuba watsikamirwa ku mugozi ugaragaza aho ikibuga kirangirira. Iyo bibaye, umukinnyi ikintu akora ni ugushaka inzira ituma asohoka niba afite amahirwe yo gutsinda. Nawe uri mu ntambara. Bibiliya iyita intambara nziza yo kwizera. Ni nziza kubera yuko Imana yaguhaye buri kimwe cyose wakenera kugira ngo uhore uri umutsinzi.

Rimwe na rimwe, ushobora kwibwira ko wihagije mu ntambara yo kwizera. Ibyo bikunze kubaho iyo wiringiye ukwizera kw'ababyeyi bawe mu Mwuka kugira

ngo ubone icyo ushaka mubuzima. Ukwizera Imana yaguhaye ukwiye kugukoresha imyitozo buri muni. Buri muni uko ubyutse, iyuzuze usoma Ijambo ry'Imana, hanyuma urebe hirya no hino urebe icyo ushobora kugukoresha nk'intego yawe yo kwizera kuri uwo muni.

Kwizera kuzamuka buri gihe iyo nta mahitamo yandi ufite. Rimwe na rimwe uba ukeneye kwiherera mu nguni yawe ugashaka inzira igusohora ukoresha kwizera. Wihe intego yo kwizera ikintu kirenze icyo wizeraga ejo hashize. Nukomeza kugenda witoza kwizera ibirushijeho muri ubu buryo, nfibizatinda uzisanga wambaye ikamba ry'abantu bafite kwizera kuremereye.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umutsinzi! Nta kibazo na kimwe cyansubiza inyuma, kuko kwizera kwanjye kurakomeye kandi kurahagije. Mfite Ijambo rikomeza kumfasha, kandi sinjya ntsindwa. Mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 1:17



**Abaroma 12:1**

**Nuko bene Data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye.**

Kimwe mu bintu bibi bibaho mu bata-bazi ni ugutabara umuntu warohamye ufite ubwoba kandi agakurura abari kumutabara. Ni ibintu biri mu mutwe wa muntu kuba yakora ibishoboka byose kugira ngo akomeze abeho, ibi bishobora gushyira ubuzima bw'abatabazi mu bibazo bikomeye. Kuko bihitabira biba ngombwa ko umutabazi yibira akajya muni cyane. Ibi bituma uwarohamye amurekura agasigamo jntera hagati ye n'uri kumutabara.

Bibiliya ivuga ko dukwiye gutanga imibiri yacu ngo ibe ibitambo bizima ku Mana. Ariko kuyikorera gukwiriye (Abaroma 12:1). Ibyo bivuze ko uba udafite ishingiro, udashyira mu gaciro, kandi udasobanutse niba atariko ubigenza.

Iyi si irimo irarohama kandi igerageza kukujiyana nawe, gusa ubuzima bwimbitse bworoshye cyangwa se bugoye bitewe n'urwego rwo guhangana uriho. Uko urushaho kuyirwanya niko irushaho kugukurura ngo mwibire mwese. Niba kwitanga kwawe mu Mana kwari kworoheje, ukwiye kukongera. Uku niko kuyikorera gukwiriye. Jya mu Ijambo byimbitse. Usenge byimbitse kandi ugirane umubano wimbitse n'Imana. Nutangira ubuzima bwimbitse, isi nta yandi mahitamo izaba ifite usibye kugukuraho imbaraga zayo yagushyiragaho.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ubuzima bwa Kristo muri nje buragaragara, kandi kwitanga ku Mana kwanjye ntigushidikanywa. Ndi Ijambo rigenda. Kandi nabaswe na Kristo 24/7**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 3:2-3





**Luka 13:8**

**Na we aramusubiza ati 'Databuja, uwureke uyu mwaka na wo, nywuhingire nywufumbire,**

Ubuzima bwimbitse si itangazo, ijamba rikurura abantu cyangwa icyivugo. Ni uburyo bwo kubaho. Ni uguhamagari-  
ra itorero muri rusange kubaho ubuzi-  
ma bwabambwe, ubuzima bwo kwi-  
yegurira Imana. Itorero ryacengewe  
no kuba hose ntaho babarizwa, ariko  
turitabira umuhamagaro wo kwigome-  
ka ku byaha no kwiyegurira Umwami.

Iyo tuvuze "nta bintu bisanzwe" biba  
aribyho koko, kandi iyo tuvuze ibintu  
bisanzwe ushobora gusanga ari ibi-  
dasanzwe kuyandi matorero, ariko  
turajya mu buzima bwimbitse koko.  
Mu mwaka w'ibitangaza bitabarika,  
twumvise ubuhamya bw'inshi butandu-

kanye, twabonye indwara zikira muburyo budasanzwe, tubona ibitan-  
gaza birengeye ubwenge bwacu, ndetse n'ibyaremwe twabibonye-  
mo ibitangaza. Muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi twazamutse muyindi ntera!  
Tuzabona byinshi ndetse no kurushaho halleluya!!

Niba utaritanga wese muri iki cyiciro cy'ubuzima bwimbitse, ubu ni ubu-  
tumire bwawe bwihariye. Imana yatanze ubuntu bwo kuba wabikora  
nuyu mwaka. Umwami araje vuba, kandi ashaka kukugirira neza, rero  
witegure kubona ubwiza bw'Imana uko utigeze kububona. Iyo tuvuze  
"icyiciro" bisobanuye neza ko kitarangira. Tuzakomeza tujye mubuzima  
bwimbitse ndetse no kurushaho.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nemeye umuhamagaro wo mubuzima bwimbitse kandi niye-  
meje gukora icyo Imana ivuze gusa. Niyeguriye kubaho ubuzi-  
ma bubambwe; kubwibyho, sinkinezeza icyaha. Ku bw'ubuntu  
bw' Imana ndajya mubuzima bwimbitse kandi ndabugumamo,  
mu izina rya Yesu rikomeye!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Psalms 42:7



**1 Abakorinto 4:15**  
kuko nubwo mufite muri Kristo ababanyobora inzovu, ntimufite ba so benshi. Ni jye wababyaje ubutumwa bwiza muri Kristo Yesu.

Iyo utuye mu gihugu kirimo ubushyamba bwinshi, uba wifuza kuba mu gihugu kirimo imisozi yera yirirwa igwaho urubura nka bimwe tubona mu ma firimi n'amafoto. Iyo utuye mu gihugu kirimo ubukonje bwinshi, uba wifuza ahantu hashyushye ugenda ukicara ku mucanga ugerwaho n'akazuba, ubona igicu gisa neza hejuru yawe. Abantu batuye ahantu hadashyamba cyangwa ngo hakonje cyane niba baba bishimirira kuhaguma.

Ibyifuzo byawe bishobora kugenwa n'ikirere, kandi turakajwe nibyo tutaribwo. Ibi nibyo bituma umuntu akenera

gutozwa akigishwa. Umutoza si uwo kwemeranya nawe ahubwo nuwo guhora akwerekana itandukaniro hagati y'ubuzima bwawe n'ubwe. Kandi hari ikiruta umutozi, ni data wo mu mwuka.

Njya nkunda kwakira ikibazo kenshi bambaza, ni gute naba umuhungu wawe wo mu mwuka? Cyangwa se umukobwa wo mu mwuka? Igisubizo cyanjye gihora ari kimwe. So wo mu mwuka ni ufite ihishurirwa rikubeshajeho. Rero, ntukeneye andi magambo mashya. Niba wizera ko ndi So, witware nk'umuhungu cyangwa se umukobwa wanjye. Reka mbabwire, nibyingenzi ko ukuraho ibirangaza byose hanyuma ugakurikira ijwi rimwe muribi bihe byanyuma. Ntutarajare. Hitamo uruhande rumwe kandi ugume ushyushye. Ube inyanga mugayoyi ku muntu umwe Imana yakoherejeje. Bizagukuzanya kandi uzaba umuhanyama w'ubwiza bw'Imana mu buzima bwawe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi uwo kwizerwa mu nzu ya data. Ndi umwizerwa imbere y'Imana na data wo mu mwuka.**

**IBINDI BYANDITSWE**

1 Timoteyo 1:2





**Yohana 14:1**

**"Ntimuhagarike imitima yanyu, mwizere Imana nanjye munyizere.**

Imana ni nziza. Iri niryo hishurirwa rikomeye ushobora kwakira. Oral Roberts yabivuze muri ubu buryo: "Imana ni Imana nziza, na satani ni satani mubi". Ni iby'agaciro cyane kubisobanukirwa kandi ntubytiranye byombi.

Iyo ibintu bibi bibaye, cyangwa se ibintu bikaba mu nzira cyangwa mu gihe utateganyije, ushobora kurenganya Imana utabizi. Abantu barapfa, tukabwirwa ko "Imana yabisubije" kandi Imana itamutwaye. Indwara ikuzaho mu mubiri wawe cyangwa inshuti yawe, tugatekereza ko Imana yabyemeye. Ukaba uzahajwe n'ubukene cyangwa kudatunga, ukozera ko ari

ubushake bw' Imana. Hoya sibyo!

Imana yaje mu ishusho ya Yesu Kristo kugira ngo aguhe ubuzima, si uku-bugutwara. Yapfuye kugira ngo aguhe ubuzima bwiza, ntabwo ari ukugira ngo urware. Yaje kuguha ubuzima bw'umwuzuro n'ubutunzi aho utifuza icyiza na kimwe. Rero, ntuhagarike umutima. Imana ni Imana nziza! Wizere kugiraneza kwayo. Nuhura n'ibibazo bigukomereye, ujye ushidikanya gushidikanya kwawe, kandi wange ikintu cyose cyatuma utekereza nabi kugira neza kw'Imana.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Uwiteka anyuzuzza ibyiza buri muni. Urukundo ankunda ntirushidikanywaho. Kubwibyho, nta bwoba ngira mu minsi yanjye y'amakuba, kuko Imana iri kumwe nanjye, kandi Ijambo ryayo ni umunara ukomeye. Nzabona IBYIZA muri uyu Mwaka w'Ijuru Ku Isi.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 145: 8



**Yohana 10:10**

**Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.**

Uburenganzira bwawe ku buzima bwiza bwatangiwe ku musaraba. Bibiliya itubwira ko Umwami Yesu yishyizeho imibabaro yacu, agatwara n'indwara zacu zose. Aha harimo uburwayi ubwo aribwo bwose, ubumuga, gucika intege, cyangwa indwara iyo ariyo yose yafata umubiri cyangwa ubugingo. Ubwo yari ku musaraba, buri mudayimono wese yamujeho, arabarwanya bose arabatsinda. Bisobanuye ko nta mubabaro wo muburyo ubwo aribwo bwose wemerewe kuza mu buzima bwawe.

Indwara zo mu bwoko bwose ni ikizira mu buzima bw'umu Kristo. Ntabwo ari igice cy'uturemangingo twawe mu mwuka. Buri kimenyetso cyose cy'uburwayi ni ikigaragaza ko umwanzi ari kugutera ibibazo. Rero, iyo wumvise akantu ko gukorora, ntukabyirengagize ngo bibe ibintu bisanzwe. Ubyange! Umwanzi afite uburyo bumwe gusa bwo gukora: kwiba, kwica, ndetse no kurimbura.

Wange gutunga ibintu bya sekibi. Muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi, ntuzigere uvuga ko urwaye mu buryo ubwo aribwo bwose. Si canseri yawe, si diyabete yawe, si umuvuduko w'amaraso wawe. Ni ibya sekibi. Bibikiya ivuga ko muzirukana abadayimoni (Mariko 16:17). Aha hakubiyemo imyuka mibi n'ibyayo byose. Ni uburenganzira bwawe kugira ubuzima bw'Imana. Niba hari ibyo ufatamo inshingano, ibi nabyo ubifatemo inshingano.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nanze gutunga indwara iyo ariyo yose, cyangwa ibimenyetso bidahuye nicyo Imana ivuga mu buzima bwanjye ndetse n'ubutunzi kuri njye. Ndafata ubutunzi bwanjye. Satani, fata indwara zawe mu Izina rya Yesu Rikomeye!**

**IBINDI BYANDITSWE:** Matayo 8:16-17





OSBORN INSTITUTE  
of THEOLOGY



OSBORN INSTITUTE  
of THEOLOGY

# ENROL NOW FOR NEXT INTAKE

CERTIFICATE & DIPLOMA



THE OSBORN INSTITUTE OF THEOLOGY FOUNDED BY PROPHET UEBERT ANGEL AND FULLY ACCREDITED BY TRANSWORLD ACCREDITING COMMISSION INTERNATIONAL, PROVIDES AN AWARD-WINNING ONLINE LEARNING PLATFORM THAT EQUIPS MEN AND WOMEN WITH THE REVEALED WORD OF GOD. OIT PREPARES MEN AND WOMEN TO SHARE AND BEAR WITNESS OF JESUS CHRIST TO THE CHURCH AND THE WORLD.

ENROL NOW AT [WWW.OSBORNINSTITUTE.COM](http://WWW.OSBORNINSTITUTE.COM)



# The Millionaire Academy

*with*

H.E. Ambassador Uebert Angel

Forbes featured mogul Uebert Angel helps rising entrepreneurs grow their businesses with 'The Millionaire Academy'. -FOX  
'Prophet of Success' -Forbes

[www.themillionaireacademy.org](http://www.themillionaireacademy.org)





**Ibyakozwe n'Intumwa 20:24**

**Ariko sinita ku bugingo bwanjye ngo nibwire ko ari ubw'igiciro kuri jye, kuko nkwiye kurangiza urugendo rwanjye n'umurimo nahawe n'Umwami Yesu, wo guhamya ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana.**

Intumwa Pawulo yari umutangiza waduhaye ihishurirwa ry' ubutumwa bwiza bw' ubuntu, ubutumwa tubwiriza uyu muni. Ukuri ko twahawe muri iki gihe cyanyuma kwirukankana ubu Butumwa Bwiza ni igihamya cy' uko turi abihuta kuruta abandi. Mu masiganwa yo guhererekanya agati, umukinnyi wa nyuma ni we wihuta kuruta abandi kugirango ageze itsinda rye ku murongo wanyuma. Dukomeje kwirukankana ubu butumwa, duhatirwa kurangiza iri

siganwa twasigiwe n' ingabo zikomeye z' Imana. Ntabwo turangazwa kuko dusobanukiwe yuko umukinnyi usiganwa agomba kuba atumbereye umurongo wanyuma n' igihembo cyamushyizwe imbere.

Mu myanya y' icyubahiro, dufite ingabo zikomeye z'Imana zatubanjirije mbere y'igihe cyacu, nka Archbishop Benson Idahosa, Maria Woodworth-Etter, Kathryn Kuhlman. Aba bajenerali bose birutse isiganwa mu mbaraga, ariko baduhaye inkoni kugirango tugere ku murongo wanyuma. Kwirukanka iri siganwa ni koko iby'umumaro kuruta uko byari biri mbere. Uri umwe mu itsinda ry'intore ryambitswe imbaraga n' Imana kugirango rirangize iri siganwa. Rero ntucike intege. Kuko ntagushidikanya uzarangiriza mu ntsinzi n'umunezero mwinshi! Halleluyah!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndikwirukanka mu rugendo rwanjye. Amaso yanjye atumbereye umurongo wa nyuma, kandi sinzahindikira cyangwa ngo ndangarire ikintu icyari cyo cyose. Igihembo kiri hafi cyane kugirango ndebe inyuma; rero, imbere iteka, inyuma nta na rimwe! Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Timoteyo 4:7



**Itangiro 3: 24**

**Nuko yirukana uwo muntu, kandi mu ruhande rw'iyi ngobyi yo muri Ede-ni rwerekeye iburasirazuba, ishyiraho Abakerubi n'inkota yaka umuriro, izenguruka impande zose, ngo ibuze inzira ijya kuri cya giti cy'ubugingo.**

Imbere y'intebe y'Imana, ubonayo amakara y'umuriro abaseraphim bagendaho. Bibiliya iravuga ngo umwanzi wacu, satani, ni umukerub ariko yabashaga kugenda kuri ayo makara y'umuriro nk' umuserafi. Uturemangingo twa satani n'ibigize akamero ke ni umuriro. Ikintu cyose gikoreshejwe ku mwanzi kizatsindwa kandi gisenywe uretse ikintu kimwe, ari cyo umuriro. Igihe Yohana umubatiza yavugaga Yesu, yashimangiye ko azabatirisha abantu amazi n'umuriro

Icyo cyose umwanzi yaguteza, igisubizo ni umuriro. Ni igihe cyo kurwanya umuriro n'umuriro. Umuriro w'Umwuka Wera niyo ntwaro y' umwimerere ku misire z'umuriro z'umwanzi. Uwo muriro w' Umwuka Wera ni igice cy'akamero kawe. Urawufite, kandi ni igihe cyo kugaragaza uwo uri we. Uri muri wowe arakomeye kurusha uri mu isi. Kwaka umuriro ni muri make kuba waka umuriro kubw Kristo. Uri ikibumbe cy'umuriro, witeguye guhangara umwanzi. Ufite akarusho, rero shira amanga kandi ukomere. Intsinzi yawe iremejwe mu izina rya Yesu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndaka umuriro kandi niteguye guhangana n'umwanzi amaso ku yandi. Ntabwo nzahara akarere (ifasi) kanjye cyangwa ngo nkurwe mu mwanya wanjye n'umwanzi. Sinziyemerera gutsindirwa mu biba mu buzima bwanjye, ahubwo nzahora ndi hejuru y'ibiba mu buzima mu izina rya Yesu. Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abami 6:17





**Ibyakozwe n'Intumwa 17:28**  
kuko ari muri yo dufite ubugingo bwa-  
cu, tugenda, kandi turiho, nk'uko bam-  
we bo mu bahimbi b'indirimbo banyu  
bavuze bati 'Turi urubyaro rwayo.'

Mu myaka ishize, twari turi gushaka ahantu h'amateraniro yacu yo ku Cyumweru. Hari ahantu hitwaga umudugudu w' abatinganyi, hagati muri Manchester mu Bwongereza. Umudugudu w'abatinganyi mu by'ukuri ni ihuriro rya LGBT+. Aho hantu twakoreshaga icyo gihe, umuyobozi waho yari umutinganyi mu buryo bweruye. Muri materaniro yacu amwe, yavuze ngo duhagarike turi hagati mu materaniro. Naramwirengagije, ariko ancira isiri ngo mpure na we ku muryango.

Agasuzuguro ke mu guhagarika ibintu by'Imana byashituye umwuka wanjye, nuko mva ku gatufi, mba mpagaritse inshingano zanjye zo kubwiriza, njya hanze ku muryango aho nashushanyije umurongo utagaragara. Ndategeka kandi ndatura ko uyu muyobozi nagerageza gutambuka uwo murongo, ari buhure n' imbaraga z'Imana ku rundi rwego rw'ingufu. Umuyobozi, noneho, ahamagara abarinzi babiri banini ngo batwirukane mu nyubako. Uwo muyobozi agerageje gutambuka uwo murongo utagaragara, yahise yikubita hasi mu mbaraga z'Imana. Abarinzi babiri nabo bahita bahungu. Zamura urwego rwawe rw'imbaraga maze ubone satani ahungu imbere yawe mu izina rya Yesu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nzamuye urwego rwanjye rw'imbaraga muri uyu mwanya. Ntabwo ruzigera rugabanuka. Nzotsa igitutu ku mwanzi ntakuzaho. Ibintu byahindikiriye kumpira, kandi ingando y'umwanzi iri mu mvururu n'urujijo. Nirukanye umwanzi mu izina rikomeye rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSE**

Yobu 12:10



**Zaburi 76:3**

**Kandi i Salemu ni ho hema ryayo, I Siyoni ni ho buturo bwayo.**

Iyo tuvuze ko tuvuga Umwuka, ni uku-bera umujyi tubarizwamo, ari wo Siyoni. Bibiliya ivuga ko Aburhamu yashakaga umujyi, uwo imfatiro zawo, uwawubatse, n' uwawuremye ari Imana. Aburhamu yizeye Imana kugera aho kumenya ko hari umujyi urenze imyubakire isanzwe y' abantu buntu, umujyi uhagarariye kubaho kw'Imana. Aburhamu yashonjeye kuba umuturage w'uwo mujyi kugeza ubwo yabaga mu mahema, ava ahantu hamwe ajya ahandi ashakisha uwo mujyi.

Nahuye n'abantu muri Siyoni, kandi iyo mpuye nabo mu materaniro, nshobora guhita nibuka umuhuro wacu muri uwo

muji wo mu ijuru witwa Siyoni. Uwo muhuro ubanza muri Siyoni umpa amakuru kugira ngo nature ibintu mu buzima bw'umuntu, n'uwo muntu akabyemeza, akenshi afite kutizera! Muri Siyoni, ibitekerezo bihindura iherezo birakururwa. Nta kubura kw'ibintu muri uyu muji kandi ubukene ntiburahavugwa. Igihe uzaba ufite gusobanukirwa ko nubwo uri muri iyi si ariko utari uw'iyi si, uzatangira gutegeka no kwatura ibintu ngo bibeho. Muri Siyoni, nta ndwara, nta bubabare, cyangwa ubukene. Reka ibi bibe impamo uyu muni, uzabona imbaraga ziva mu ijuru mu izina ry'ya Yesu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umuturage wa Siyoni, halleluyah. Rero, ndategeka kandi ndatura guhirwa uyu mwanya. Mfite ibya mirenge mu mafaranga, kandi ntacyo nzakena mu buzima bwanjye. Amajya n'amaza byanjye bizahabwa umugisha ubu n'iteka ryose mu izina ry'ya Yesu.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 132:13





**2 Timoteyo 3:2**

**kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impiya, birarira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera.**

Uru rubyaro rwageze kure kugeza ubwo rwangirika, aho umuco uhumanye wizihizwa kandi ukamurikwa mu ruhame. Hari urusaku rwinshi hanze aha rushima ibitari byo. Ibi bivuze ko kugira ngo uhagarare ku Mana, ukeneye kurangurura kurusha urusaku rw' ibidakwiriye. Kurangurura kw'iby'Imana no gukiranuka k'ubumana bigomba kurusha ijwi ibindi byose. Urusaku hanze aha rwanjijye mu itorero bucece, rutuma ababwirizabutumwa n' abashumba bacecekesha. Ibyinshi mu nyo twumva uyu muni mu matorero nta bindi usibye filozofiya zidahamye n'amag-

ambo areshya y'ubwenge bw' abantu bidafite kugaragara kw'imbaraga. Ibyacu ni ukugaragaza imbaraga z'Imana kugeza ubwo abitwaga abagnostic n'abahakanyi bazahindura imitekerereze yabo ku Mana. Uyu mwaka, ijwi ryawe rizarusha ayandi kurangurura. Ntabwo ushobora gucecekesha. Muri iki Gihe cy'Ubuzima Bwimbitse, ntabwo uzaba umunyantegye nke imbere y'amahema y'umubisha. Ufite umutekano muri Kristo. Rero, ubu ni cyo gihe kugirango ugaragaze imbaraga zitungura abanyabwenge. Komera, kuko Umwami ari kumwe nawe. Halleluyah!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Naritanze wese kuri Yesu, kandi ubuzima bwanjye buri muri Kristo. Ubu mbaho ubuzima bw'umusaraba, nditeguye, ndashaka, kandi nshoboye guhagarara kuri Kristo imbere y'amakuba. Nshishobora kunyeganyezwa, kandi sinzigera nteshuka kuwo ndiwe muri Kristo mu Gihe cy'Ubuzima Bwimbitse!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 12:2



**Ibyakozwe n'Intumwa 28:23**

**Bamusezeranya umunsi, bamusanga ari benshi mu nzu bamucumbikiyemo arabibasobanurira, ahamya ubwami bw'Imana, abemeza ibya Yesu abikuye mu mategeko ya Mose no mu byahanuwe, ahera mu gitondo ageza nimugoroba.**

Hari itandukaniro hagati ya Mose n'abahanuzi. Iri tandukaniro ntabwo ryashyizwe mu Ijambo ry'Imana ari ikosa, oya, nta nubwo byashoboka cyangwa ngo binatekerezwe. Imana yashyize Mose mu cyiciro cye wenyine, atandukanyijwe kure n'abandi bahanzuzi.

Iyo mpanura ku bihugu, ku bakuru b'ibihugu, abaministiri bayoboye ibihugu, ab'ibwami, ndetse n'imikino bigasohora,

ni ukubera ko Imana ihitamo kumpishurira ibintu by'amabanga. Yo yonyine izi. Ikindi cyo kumenya ni uko Imana izi ko nzavugaga ibyo Yantegetse kuvugaga, n'imbere y'ibiteye ubwoba cyangwa bibangamye.

Imana ntabwo irobanura ku butoni, ishobora guhitamo kugukoresha igihe icyo ari cyo cyose. Bamwe bagize ubushake no kumwira, Imana ibakoresha bihambaye mu gusohozza imigambi yayo ku isi. Ijambo ry'Imana ritubwira ko bene abo bantu ni abo gutinywa kuko bavugaga ugutekereza kw'Imana kandi bigasohora. Amen.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndavugaga ibyo nshaka kubona biba, kandi niko bizaba koko. Ndavugaga ijwi ry'Imana Ikomeye. Sinshobora kunyeganyezwa, kandi abantu ntacyo bantwara kuko ndi mu muyoboro w'Imbaraga z'Imana. Nsasohozza imigambi y'Imana mu buzima bwanjye ubu n'iteka ryose.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abefeso 2:10





**Abagalatiya 4:7**

**Ni cyo gituma utakiri imbata ahubwo uri umwana, kandi rero ubwo uri umwana, uri n'umuragwa ubihawe n'Imana.**

Igihe nabonaga ubwengehugu mu Bwongereza, hari inyungu zimwe zabye izanjye, ariko mbere, ntazo nari nzi. Urugero, iyo nimutse mu nzu, hari amafaranga nari nemerewe kugirango afashe mugushyiramo ibikoresho mu nzu nshya. Nk'umwana w'Imana, ufite uburenganzira n'amahirwe bikugombwa kuko gusa uvuka mu bwami bw'Umwami wacu, Yesu Kristo.

Hari itandukaniro hagati yo kumenya uburenganzira n'inyungu zawe no kubifata by'ukuri. Anakristo bamwe bazi cyangwa berekana ko bazi ko bafite

inyungu, ariko ukuri kubabaje ni uko batajya babifata, bagakomeza kugendera mu bukene. Inyungu n'amahirwe yo kuba umwana w'Imana ni byinshi cyane! Kandi ni cyo gihe cyo gufata ibyakugenewe mu izina rya Yesu. Bibiliya iravuga ngo, "Uhereye ku gihe cya Yohana Umubatiya ukageza none, ubwami bwo mu ijuru buratwaranirwa, intwarane zibugishamo imbaraga" (Matayo 11:12). Kanguka kuwo uri we. Muri Kristo, hanyuma intsinzi yawe izagaragara, mu izina rya Yesu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nk'umwana w'Imana, ndamaramaje gufata uburenganzira, inyungu n' amahirwe byanjye muri Kristo. Sinzareka ibyo ngombwa cyangwa ngo mparire ibyanjye umwanzi. Nzabaho ubuzima mu buryo bwuzuye, mu izina rya Yesu! Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 8:17



**Yobu 22:24**

**Ute ubutunzi bwawe mu mukungugu,  
N'izahabu ya Ofiri uyite mu mabuye yo  
mu masumo.**

Mu myaka yashize, kubiba kwawe kwakoze urwibutso imbere y'Umuremyi wawe kandi amakuru yawe abitswe mu ijuru. Waratanze, uratanga, urongera uratanga. Warateye hanyuma urategereza. Wabaye umufatanyabikorwa n'Imana hanyuma ubiba imbuto mu marira, ariko uyu ni umwaka w'isarura. Ndi kubona umusaruro mwinsi uzahindura ubuzima bwawe iteka ryose kugirango uhamye yukoa Umwami ari umunyabuntu n'umunyembabazi. Uzaba utangaza! Igihe cy'isarura ritubutse cyane ni none aha, kandi uzarunda zahabu nk'umukungugu!

Winjiye ahantu hawe h'ubutunzi kandi bizakomeza, ntibishobora guhagarikwa. Ubu, wahagurukijwe nk'umuterankunga w'Ubwami, uzashyigikira umurimo w'Imana ku rundi rwego. Ntuhakane ubutunzi, ubwo uzambara nk'umwambaro, kuko Imana iravuga ngo, "Abakunda ko ntsinda nk'uko bikwiriye nibavuze impundu bishime, iteka bavuge bati; Uwiteka ahimbazwe, Wishimire amahoro y'umugaragu we" (Zaburi 35:12). Imana niYo injeniyeri n' ushushanya ahantu h'ubutunzi winjiyemo. Kubiba kwawe ntikwabaye gusa uko imyaka ishize, ahubwo nk' uko twambuka muri 2023, wabikoze nanone. Ubu, umusaruro wawe uri hano. Ishime kandi iteka ryose! Halleluyah!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndagenda mu musaruro uyu muni, nditeguye gusarura byinshi, bitubutse, birenze ibyo nakwibwira cyangwa ngo ntekereze. Ndabizi ko Imana yabimpaye mu buryo bw'umurengera, kandi nzasarura umusaruro wanjye none aha mu izina rya Yesu! Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Hagayi 2:8





**Zaburi 92:14**

**Ubwo batewe mu rugo rw'Uwiteka, Bazashishira mu bikari by'Imana yacu.**

Imyaka yaraje n'indi iragenda, ariko uracyari aha. Impamo yuko Imana yakubeshesheje mu bukare bw' icy-orezo (cyangwa uko bamwe babivugaga, 'ingirwacyorezo') bihamya yuko uri udasanze ku Mana. Nubwo haba hari abahakanyi bagukikije bagize umwuga kugira ibibazo urimo ubu agashinyaguro, hari umuhamagaro w'Ubumana ku buzima bwawe udashobora guhakanwa. Urabizi, kandi umuryango wawe n'abo muba hamwe barabizi.

Icyo kibazo cyawe cyaje kugira ngo gusa Imana yiratane kwitanga no kwiyemeza kwawe ku murimo waYo n'Ijambo ryaYo. None, bwira abo bate-

kereza yuko utazongera kuzamuka, ko ari Igihe cy'Ubuzima Bwimbitse, kandi sinzamanuka. Basengere ngo bazarame kugirango bakubone uzamuka nk'ihembe ry'imbogo (Zaburi 92:11). Mu Gihe cy'Ubuzima Bwimbitse, uri kuzamuka ubwo abantu bavugaga ko hari ugushyirwa hasi. Nka Yobu, ubuzima bwawe burayoberanyije mu mizingo n'ibico. Kandi vuba cyane, mbere y'impera z'uyu mwaka, abantu bakomeza kugushyira hasi nibo bazashima, banizihize igice cyawe cya nyuma. Uzambikwa ikamba na kabiri kubw'ingorane zawe! Halleluyah!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Igihe cyanjye cyaje! Natandukanyijwe kure n'agasuzuguro n'ibitutsi. Ndi imboni y'ijisho ry'Imana, ndinzwe impande zose. Ibiganza byangwe bifite umugisha kandi byiteguye gukora ibihambaye mu izina rikomeye rya Yesu. Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yesaya 60:1



**Itangiriro 3:11**

**Iramubaza ite “Ni nde wakubwiye ko wambaye ubusa? Wariye kuri cya giti nakubujije kuryaho?”**

Igihe Imana yaje mu mafu ya nimunsi, Igasabana na Adamu na Eva. Yari Yo se wabo akaba naYo nshuti yabo yonyine. Umubano w’ububyeyi (se) w’Imana na Adamu wari wihariye kuburyo Imana yaremeye inyamaswa, hanyuma Ibwira Adamu ngo azite amazina. Mu kirere cy’ubumana, ijwi ry’Imana nk’umubyeyi (Data) biha intego n’ubusobanuro kubaho kwa Adamu. Adamu yagize intumbero kumva ijwi rimwe gusa, rero anezererwa mu mahoro y’umutima nyakuri yo kurerwa na Data. Ikiganiro hagati ya Satani na Eva, waje mu kwemera kujiyana Adamu muri icyo foto, yagize akajagari ubuzima bwabo

bw’ubumana n’itego nuko ahita ajyana ikiremwanuntu muri byo gutyo.

Umujyana w’Imana kuri Adamu na Eva wari wibumbiye mu kibazo kimwe: “Ni inde wakubwiye” (Itangiriro 3:11). icyo kibazo kiracyumvikana uyu muni. Ni nde wakubwiye ko udashobora gusama? Ni inde wakubwiye ko uzihanganira ubukene ubuzima bwawe bwose? Reba, ni ingenzi cyane ukugaburira amakuru. Ijwi ry’Imana ku buzima bwawe rizinganye n’iterambere rikugira umugisha w’imbyaro nyinshi. Uyu mwaka, rekerera aho kumva amajwi menshi akuyobya mu iherezo wahawe n’Imana, hanyuma wumve ijwi rimwe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ubu mbanguriye amatwi yanjye ku ijwi rimwe rya gihanuzi rivuga ku buzima bwanjye. Ntabwo ndangazwa n’amajwi avuga ibitandukanye n’iherezo ryanjye. Nzatumbera umuhamagaro wanjywe mbigaragiwemo n’o gukora kwa gihanuzi buri muni, mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Itangiriro 3:12





**Yesaya 60:3**

**Amahanga azagana umucyo wawe,  
n'abami bazagusanga ubyukanye ku-  
rabagirana.**

Ku myaka 65, Koloneli Harland Sanders, Uwashinze KFC (Kentucky Fried Chicken), yatangiye kugurisha amashami y'ubucuruzi bwe bw'inkoko akoresheje amafaranga ye \$105 ya buri kwezi y'izabukuru. Uyu muni, KFC ifite izirenga 5200 z'amarestora muri Leta zunze Ubumwe n'izindi 15,000 ku isi hose. Muri 2020 gusa, inyungu zaratumbagiye zisatira milayari 28 z'amadolari! Mbega urugendo rutangaje ku mugabo aho ubuzima bwe bwuzuye kugorwa ashaka uko yabaho. Imyaka ntigomba na rimwe kuba inzitizi. Kugera ubwo utangiye gucukumbura ubushobozi bukuri-mo, uzakomeza kugorwa no kwanga

abisobanukiwe. Adamu yari afite irungu, kandi Eva yari afungiranye muri we. Ikibazo cy'abantu benshi ni uko bikuye mu nzezo z'ubutsinzi kubera imyaka, aho bava, inzego z'ubudehe, ubumenyi bw'amashuri, n'ibindi. Iyo Uwashinze KFC, ku myaka 65, yarabashije guhindura ibintu, agakora ubucuruzi bufite agaciro ka miliyoni nyinshi mu buzima bwe, agasigira abamukomokaho ubutunzi bw'imbyaro nyinshi bufite agaciro ko miliyari z'amadolari, wowe ho byamera bite? Wuzuye Umwuka Wera n' imbaraga, kandi iyo uvuze, ibyaremwe birumva! Uyu ni umwaka kugira ngo inkuru yawe n'urwego rwawe bihinduke bidasubirwaho.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndakize, Ndi umutunzi, kandi amafaranga yanjye araje! Sinzakena icyiza icyo ari cyo cyose. Ubuzima bwanjye bwuzuye umunezera, kandi nzahora mpimbaza Umwami wanjye, umuremyi wanjye. Aho njya hose, nzaba umugisha. Uyu ni wo mugabane wanjye mu izina rikomeye rya Yesu. Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yesaya 49:23



**Yohana 3:16**

**Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.**

Kimwe mu biranga Imana ni URUKUNDO, urwarwo rubumbiyemo gukunda, ubucuti, kwishimirana, ishyaka, ubwumvikane, amarangamutima, ubwuzu, n'ubwitange. Imana, mu mbabazi zaYo n'ubuntu bwaYo, yiranga muri buri jambo rivuzwe hano, n'andi menshi. Sinzi niba wasobanukirwa akamero k'icyo urukundo rw'Imana ari cyo by'ukuri kuri wowe. Imbaraga z'urukundo rwerekanywe mu bushobozi bw'Imana kuduha Yesu nta gahato ngo aducungure atwisubize. Ukubaho kwa Gikristo kuri uyu muni no muri ibi bihe ni ukuvuga bisanzwe ku rukundo. Kandi mu by'ukuri, hari gato cyangwa nta kugaragara kw'urukundo muri kamere no mu bikorwa.

Ahantu h'amakimbirane menshi hajya haba mu itorerero. Amatworo n'abayoboke baja birema ibice, bisanisha hagati yabo ku bintu bimwe bisangamo. Bishobora kuba ubwoko, ubudehe, ibara ry'uruho cyangwa ubukungu mu itorerero; abandi bakaba abo hanze biciye mu bakristo bo mu itorerero rimwe. Kandi rero iyo twese udukebye, tuva amaraso atukura twese bititaye ku ibara ry'uruho. Mu buryo busa n'ubwo, urukundo rw'Imana rwasukwe ku kiremnamuntu bititaye ku aho tuba, uko dusa ku mu mubiri, ubudehe, amoko adutandukanya; bitekerezeho! Halleluyah!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi ukubaho k'urukundo rw'Imana. Urukundo rw'Imana ruragarira muri jye ubwo nisanisha kandi nkita ku bandi. Sinshobora kubaho ubuzima butarimo urukundo. Ijambo ry'Imana riri gukora muri jye; rero, nzahora nerekana akamero nyako k'Imana binyuze mu rukundo!**

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi ukubaho k'urukundo rw'Imana. Urukundo rw'Imana ruragarira muri jye ubwo nisanisha kandi nkita ku bandi. Sinshobora kubaho ubuzima butarimo urukundo. Ijambo ry'Imana riri gukora muri jye; rero, nzahora nerekana akamero nyako k'Imana binyuze mu rukundo!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 5:8





**1 Abami 18:46**

**Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugin-go buhoraho.**

Umuwuduko urakenewe iyo ukeneye kujya mbere, kandi ikintu kihutirwa gisaba kunyuzaho nta kugenza gake. Mu mpanuka, imbangukiragutabara ntabwo yiruka ku muvuduko usanzwe. Iyo hari ikibazo cy'urupfu n'ubuzima, amategeko yose n'amabwiriza byo mu muhanda bikurwaho ku mban-gukiragutabara. Kugira basubize umuntu nk'uko yari asanzwe ari ku mwuka, yahwereye, cyangwa ari muri koma, yihutanwa ku bitaro ku muvudo wo hejuru. Kugenza gacye ni imbusane yo kwihuta; muri ubu bwami, kugenza

gacye ni inzitizi yo kujya mbere.

Imwe mu mayeri y'umwanzi ni ukushyira umukristo ahantu hamwe. Iyo Imana iri mu bucuruzi bwawe, urushako, mu mafaranga, mu kazi, no mu muryango, uzatera intambwe mu mwuka no mu bifatika. Bamwe muri twe babereye beza umwanzi, dufata buri gipfundi nk'aho ari ibisanzwe, ariko nta kintu gisazwe kiri mu guhagarara utagena. Niba guhagarara utagena ari cyo kibazo, ukeneye gusunika ikirego cyawe vuba ukore-sheje Ijambo ry'Imana mu gusenga. Birungura kuba utera iyo hageze ku guhangana n'umwanzi. Iyi ni intambara, kandi igihe cyo gutabarwa k'ubumana ni none aha.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Sinshobora kugenza gacye intambwe zanjye. Ndikwiruka isiganwa ryanjye n' ubwira bwinshi no kuba maso. Ndi umut-we sindi umurizo, kandi nziruka, ngaruze ibintu byose umwanzi yanyibye mu izina rya Yesu! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yesaya 8:11



**2 Abakorinto 4:18**

**Natwe nfitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ari iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby'iteka ryose.**

Ubuzima ni umwuka kuruta ibifatika. icyanditswe cy'uyu muni kivuga ku bintu bitagaragara kandi bihoraho kurusha ibintu bigaragara kandi ari iby'igihe gito. Ni gute wacakira kuvuga kw'intumwa Pawulo gushize amanga ku bintu byo mu ijuru? Iyo mvuga ku gusurwa n'Umwuka Wera mu ruganiriro rw'iwanjye kandi turebana amaso ku maso tunganira na We, ndavuga ukuru mu gitabo cyanjye Uraho Mwuka Wera. Uku gukura kurenze kamere y'umuntu nahawe ubuntu bwo kubona ni uburyo bw'Imana bow kutwerekera ukuri kw'Ubwiza Bwe.

Iyo Imana yiyerekanaga mu materaniro yacu, mu biterane byacu, cyangwa mu mahuriro yo mu bibuga hateraniye abantu barenga ibihumbi ijana, tubona imbaraga z'Imana zerekana mu bitangaza n'ibimenyetso. Ibirenze kamere muntu bifata akamero mu isi y'ibifatika, hanyuma imbaraga z'Imana zigahishurwa. Iyo ibi bitangaza bibaye, haba kuburana guke kuko ibihanywa ni ntavuguruzwa. Mu bihe bya bibiliya, Ubwiza bw'Imana bwajyaga bumanuka, bukuzura ihema bikaba bidashoboka ko umuntu yakwinjira. Ubwo bwiza bw'Imana buriho uyu muni muri Spirit Embassy. Halleluyah!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndabona kandi ndumva ubwiza bw'Imana buzuye kuri jye. Ndi rukwirakwiza ubwiza bw'Imana. Aho nkandagiye, nanduza ibinkikije n'ubwiza bw'Imana. Ikirere cyanjye cyuzuye ibitangaza n'ibimenyetso uko ngenda mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 5:7





**Ibyakozwe n'Intumwa 4:20  
kuko tutabasha kwiyumanganya ngo  
tureke kuvuga ibyo twabonye kandi  
twumvise."**

Umuntu ashobora kubaza, umutwaro ni iki, kandi ni gute nawuturaza? Ibi ni ibibazo bifite ishingiro. Reka ntangire mvuga ngo Umuhanuzi Yeremiya ku muni we yumvise umutwaro udasanzwe, wari ukwatura Ijambo ry'Imana. Umuhanuzi Yeremiya yiganyiriyeye ko adashobora gukomeza kuvuga mu izina ry'Umwami. Ariko, hanyuma, yaravuze ati, "... Sinzamuwuga, haba no guterurira mu izina rye", mu mutima wanjye hamera nk'aho harimo umuriro ugurumana, ukingiraniwe mu magufwa yanjye simbashe kwiyumanganya ngo nyabike." (Yeremiya 20:9)! Wow!

Umutwaro ni uburemere bwinshi; ni ikibazo wumva ufite inshingano zo kukibonera igisubizo. Biba umutwaro iyo hari igikenewe cyihutirwa kigomba kuboneka mu itorero cyangwa hanze ku butumwa. Umutwaro ugukurura ukuvana aho wari uguwe neza, ukaguha amajoro urara ukanuye igihe utarakemuka. Niwisanga wumva utameze neza nyuma yo kubona ikintu gikenewe mu murimo w'Imana, biba uburemere bwihariye kuri wowe, kandi ni umutwaro wahamagariwe gukemura. Igihe wasubije byihuse, hazabaho urwego rwo gutuza n'amahoro

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Niteguye gukora ku muhamagaro wanjye. Ntabwo nihanganira kunyurwa mu nzu y'Umwami. Nzi yuko mva mu bwiza njya mu bundi. Nzi ko hari ibindi birushijeho muri Kristo, rero, niteguye kujya hejuru no kujya i bwina mu izina ry'Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Abakorinto 9:16









BECOME A **GoodNews** PARTNER TODAY BY VISITING  
**DAILY**  
[WWW.GOODNEWSWORLD.COM/GNDPARTNER](http://WWW.GOODNEWSWORLD.COM/GNDPARTNER)



# GoodNews

DAILY

EVANGELISM





**Luka 9:42**

**Umuhungu akiza dayimoni amutura hasi, aramutigisa cyane. Yesu acyaha dayimoni, akiza umwana amusubiza se.**

Mu kubahw kw'Imana, imbaraga z'Imana ntizishobora guhakanwa cyangwa ngo zihishwe. Sindabona dho tugira amateraniro, n'igihe umurimo w'Imana wari ugutangira, ngo simbone imbaraga z'Imana zikora. Igihe cyose duteranye nk' itorero. Nibona ngendera mu kugaragara kw'imbaraga z'Imana. Hari igihe njya mu materaniro nibwira kandi nkabwira n'abateranye ko ntari buhanure, ariko nkisanga kandi ndi guhanura, nkongera ngahanura. Muri iki gihe cya nyuma, isi ikeneye kubona no kubaho Imana mu mwuzuro waYo, nk'uko Pawulo avuga, atari mu

magambo gusa ahubwo mu kugaragara kw'imbaraga (1 Abakorinto 2:4).

Abantu bakunda kunegura, bakanaburana ku bubasha bw'imbaraga z'Imana iyo babonye nta kugaragazwa kw'imbaraga. Reka gihamya cyo mu buryo bw'ibitangaza n'ibimenyetso birushe imbaraga ubwenge bw'abantu. Uru rubyaro rwayobye ruzatangira kumenye ko Imana, Nyir' ubutware bwose, Itegeka iby'abantu byose nibabona kugaragazwa kw'imbaraga.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nk'umwana w'Imana, nahawe imbaraga zo gukiza abarwayi. Ntabwo ndi umunyantegere nke ahubwo ndi umunyembaraga. Nzabaho ubuzima bw'ibihambaye, kandi ubuzima bwanjye buzahora bugaragaza imbaraga z'Imana zituye muri jye.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Luka 5:17





**Yeremiya 23:29**

**Kandi Uwiteka arabaza ati 'Mbese ijambo ryanjye ntirimeze nk'umuriro, cyangwa nk'inyundo imenagura urutare?'**

Abakristo benshi bajya babyica iyo bigeze ku gushimangira batura, banat-egeka ibintu mu buzima bwabo. Urugero, baraganya aho kuvugana ubutware ku kibazo cyabaye ingorane mu miryango yabo. Abakristo bamwe bimenyereje kwigira inama bucece, kwirundiramo ibibazo muri bo, cyangwa bakaririma Ubuntu butangaje gusa kandi ubwato bwabo buri kurohama! Ndasenga ngo ntube uri bene uwo mukristo. Umukristo bishatse kuvuga nka kristo cyangwa uwigana Kristo. Yesu ntiyigeze aceceka igihe yahuraga n'abamurwanya bo mu bafarisayo n'abasadukayo; byaba mu bifatika

aho Yacyashye umuyaga, byaba mu guhangana n'abadayimoni na Satani ubwe, Yesu yavuganye ubutware byatumye habaho impinduku.

Turi abambasaderi ba Kristo muri iyi si. Dushobora kuvuga dushize amanga ko " kuko intwari z'intambara yacu atari iz'abantu, ahubwo imbere y'Imana zigira imbaraga zo gusenya ibihome no kubikubita hasi" (2 Abakorinto 10:4). Uri umwambasaderi wambaye imbyambaro ya gisikare. Vuga urwanya umwanzi n'amagambo ahindura icyerekezo cy'iherezo ryawe. Anga guceceka. Vugana ubutware Kristo yaguhaye mu Ijambo rye. Shyira mu bikorwa ubutware bwawe mu izina rya Yesu! Amen.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Hari imbaraga mu magambo yanjye. Sinzaceceka ukundi. Nzatura kandi nzahamya icyo Imana imvugaho. Ndavuga ubuzima no kuzuka ku kintu cyose gisa n'icyapfuye mu buzima bwanjye. Sinzapfa ahubwo nzabaho kugirango nature Ijambo ry'Imana. Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 4:12



**Abaroma 11:33**

**Mbega uburyo ubutunzi n'ubwenge n'ubumenyi by'Imana bitagira akagero! Imigambi yayo n'ihishurika, n'inzira zayo ntizirondoreka.**

Hari ahantu mu Mana ushobora gutekereza ko wageze, reka nkubwire, ntabwo ari byo. Abamarayika bita Imana; Uwera (Ibyahishuwe 4:8) kuko buri gihe Imana ihindukiye cyangwa inyeganyeze, babona indi sura y'Imana batari barabonye mbere. Ibaze ko kuva mu iteka ryose ryashize, kuva mu bihe ujya mu bindi, Imana yiyerekana mu buryo butandukanye, abamarayika bagatangara.

Hari inzego mu Mana zitatekerezwaga kandi zidafite iherezo. Buri muhanuzi wo hambere wagenze ku isi yabonye

urwego rw'Imana rutigeze rugaragara mbere. Urugero, Aburahamu yitwaga incuti y'Imana. Imana yakundaga Aburahamu cyane kugeza ubwo Data, Umwana n'Umwuka Wera Yamwiyeretse, agasangira nawe mu buryo bufatika!

Igihe twatangiyeye amafaranga y'ibitangaza mu myaka ishize, habayeho kurwanywa gukomeye. Abantu bumvaga ko ineza y'Imana idashobora kwimura amafaranga muri uburyo bw'amafaranga y'ibitangaza. Ariko, nyuma y'igihe, abantu batangira kubona ko uru ari urwego rw'Imana rutavuguruzwa. Uko urushaho kugendana n'Imana, urushaho kubona ko hari izindi nzego z'Imana utarageramo. Uko urushaho kujya i bwina mu Mana mu bintu by'Imana, niko urushaho kumenya ko ubutunzi bwayo butarondoreka kandi ukuntu ibyo biteye ubwuzu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi kujya ibwina mu by'Imana, kandi ubuzima bwanjye buri guhindurwa buva mu bwiza bujya mu bundi mu izina rya Yesu! Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yobu 11:7





**Zaburi 31:20**

**Erega kugira neza kwawe ni kwinshi,  
Uko wabikiye abakubaha, Uko wa-  
korereye abaguhungiraho mu maso  
y'abantu!**

Igihe umufasha wanjye mwiza, Umuhanuzi Bebe Angel yanditse igitabo Ubuzima bw'Ubuntu, yari intabwe ikomeye yafashe imfatiro z'ubusobanuro bw'inyigisho z'ubutumwa bw'ubuntu twigisha. Iyo tuvuga ubutumwa bw'ubuntu, ntabwo bivuga guha abantu uburenzira bwo gukora ibyaha. Abaroma 2:4 haravuga ngo, "kandi usuzugura ubutunzi bwo kugira neza kwayo, n'ubw'imbabazi zayo n'ubwo kwihangana kwayo? Ntuzi yuko kugira neza kw'Imana ari ko kukurehereza kwihana?" Ubu buryo bwo kugiraneza bukarenga kandi bukakurusha imbaraga.

Ubuntu ni idudubizwa ry'ibyiza ku rwego aho ititaye ku ntege nke zawe, Imana ikomeza kurundanya imigisha ku buzima bwawe.

Ubuntu ni impano y'ubuntu iva ku Mana nta bindi biyiri inyuma. Bwaraguwawe ndetse na mbere yuko uhura n'icyo kibazo. Ubuntu ni ibikubaho igihe usa n'uri kure y'umuzingi w'imbabazi z'Imana, ariko ukisanga ari wowe muragwa wa mbere w'ubugwaneza bwe bukurenga. Ntabwo ari imbaraga zawe z'ubumuntu zituma wumva ko ukwiriye. Hoya. Ni uburyo bw'Imana bwo gutanga ubwinshi bw'urukundo rwaYo, impano izavuguruzwa imitekerereze kugirango ikwiyereke. Ikwitayeho!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nakiriye ubwinshi bw'ubuntu bw'Imana. Nishima ibihe byose kandi niteguye gusakaza Ijambo. Nzi ko Imana kubw'Umuka waYo yasutse urukundo rwayo kuri jye cyane. Ndi uwakira ubuntu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 16:11



**Itangiriro 13:15**

**Igihugu cyose ubonye ni wowe nzagihaha n'urubyaro rwawe iteka ryose.**

Uko ubona ibintu bishobora kukubera inzitizi. Igihe Imana yari yiteguye guha umugisha Aburahamu, data wo kwizera. Yabwiye Aburahamu ko nabasha kubara inyenyeri, yashobora kubara umubare w'abazamukomokaho! Kubara inyenyeri ntibishoboka kimwe no kubara umusenyi wo ku nkombe y'inyanja. Imana yari iri kuramburira ihishurirwa rya Aburahamu kugirango abone biruta ibya none aha. Amaso ye yarebaga we gusa, imyaka ye, n'ukuri kw'ibifatika ku mibiri ye na Sara. Uko kuri kwamuberaga inzitizi, kandi Imana yasezeranyije ko Aburahamu azaba se w'amahanga, yakoreshaga indi mboni.

Imana yari iri kwinjiza Aburahamu mu yindi si y'ukuri gucanga kumenya kwa muntu. Kuva iteka ryose ryashize kugeza ku iteka ryose rizaza, Imana ntijya ibeshya, rero icyo ari cyose ivuze ni ukuri. Imana iravuga ngo reka abakene bavuge ko bakiza kuko ikubona ukize bitagendeye ku rwego rwawe rw'ubukungu uriho. Iyo nawe ubashije kubibona, bishobora kuba ibyawe!

Igihe kirekire, wifashe nk'umuntu w'umunyanteye nke, ukomerewe, ukennye, kandi wagowe. Imana iri kukubwira gukanguka mu bitotsi byawe, ukareba kure, hanyuma ukabona hirya y'ibyo uri kunyuramo ubu. Wavutse uri umutsinzi, kandi uwo ni we uri we muri Kristo!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndabona umugisha wanjye uje mu izina rya Yesu. Ndabona kure ya none. Ndapakiye! Ndi umushoramari mu bwami kandi ndi rukuruzi ikurura amafaranga afite intego!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Itangiriro 13:17





**Yohana 4:34**

**Yesu arababwira ati "Ibyokurya byanjye ni ugukora ibyo uwantumye ashaka, no kurangiza umurimo we.**

Abigishwa ba Yesu batangariye kubwira na Sebuja ko aya ifunguro batazi. icyanditswe kirabyerura neza: Yesu yafataga Ijambo ry'Imana no gukora umurimo w'Imana nk'ifunguro. Yesu ari kutubwira ko ushobora gufungura ku Ijambo ry'Imana inzara ikagenda.

Ijambo ry'Imana ritanga imbaraga, ritanga ubuzima ku bugingi, kandi rikanzanzamura umwuka. Ezekiyeli abivugaga atya: "Mwana w'umuntu, haza inda yawe, n'amara yawe uyuzuzemo uyu muzingo nguhaye." Nuko mperako ndawurya, mu kanwa undyohera nk'ubuki." Ezekiyeli 3:3.

Iyo utangiye gufungura Ijambo ry'Imana, umwuka wawe urakanguka kandi ugakora kurushaho. Gutyo, imitekerereze yawe iba mishya, n'ibyo utegereje bigasohora. Ijambo ry'Imana ntabwo inyandiko n'inkuru, nkuko bamwe babivugaga. Hoya! Intungamubiri zose ukeneye ngo ukure mu mwuka ziri mu Ijambo ry'Imana. Imbusane yabyo nayo ni yo. Iyo unaniwe gufungura ku Ijambo ry'Imana, umwuka wawe ugira imirire mibi kandi ukicwa n'inzara. Ukeneye manu nshya ariryo Jambo ry'Imana. Rifungure buri muni!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfungura ku mutsima wo mu Ijuru. Indyo yanjye ni Ijambo ry'Imana gusa; rero, sinshobora kugira imirire mibi. Ubwenge bwanjye buri maso, ubugingo bwanjye buranzerewe, kandi umwuka wanjye urya neza. Urakoze Yesu! Amen**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 119:103



**Abafilipi 2:10**  
kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, cyangwa ay'ibyo muni y'isi.

Ukunda kumbona nsakuza izina rya Yesu iyo habaye gitangaza. Mpora nsaba iteraniro n'itorero gutanga ishimwe baranguruye ku izina rya Yesu. Ibi ntabwo ari ubwuzu n'ibyishimo byinshi gusa. Ni ugusobanukirwa ko mu izina rya Yesu, ibirema bigenda.

Yego, ni mu izina rya Yesu aho impumyi zibona, abatumva bakumva, ingumba zikabyara abana, kanseri zigakira, akandi abakene bagahinduka abatunzi b'amamiliyoni. Ibitangaza n'ibimenyetso bigomba kuba iyo uhamagaye iryo zina mu kamero no

mu mbaraga by'ibyo ari ryo.

Hari abanenga n'abahakanyi bafata byoroshye izina rya Yesu, ariko nje n'inzu yanjye n'iya Spirit Embassy, twabonye kandi tuba abahamya ko iryo zina rikora ibitangaza inshuro ku yindi! Izina rya Yesu ni imbaraha. Indwara, ububabare n'ubukene bipfukama imbere y'iryo zina. Vuga izina rya Yesu kuri konti yawe ya banki; izasubiza iryo zina nta gushidikanya. Amafaranga aje iwawe none aha, mu izina rya Yesu! Nta magambo y'ubusa ndi kukaturaho ubu. Akira gukira kwawe, mu izina rya Yesu! Halleluyah!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nzi ndi uwa nde. Ndi uwa Kristo. Nambaye kamere ya Kristo mu izina rya Yesu. Ndi umutsinzi, Ndi unesha kandi ukuraho imipaka. Sinshobora gutsindwa kuko nzi izina rya Yesu, kandi buri kibazo mu buzima bwanjye kizapfukama! Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 14:11





## **2 Timoteyo 2:4**

**Nta waba umusirikare kandi ngo yishyire mu by'ubu bugingo, ngo abe akinejeje uwamwandikiye ubusirikare.**

Umukristo akeneye kubaka imyitwari-re nk'iy'umusirikare. Kuba umusirikare bivuze ko igihe icyo ari cyo cyose, witeguye guhamagarwa ku nshingano iyo bikenewe. Umusirikare ahora ari maso kandi ahagaze yiteguye. Nta na rimwe umusirikare aba yituriye, cyane cyane iyo yashyizwe imbere ku rugamba.

Bibiliya itubwira ko turi abasirikare mu ngabo z'Umwami, mu nshingano zacu kubw'Umwami wacu nta mwanya wo kwishyira mu bindi. Tugomba kugira ibyacu imyifatire y'umurwany, umusirikare wambaye intwari y'Ijambo ry'Imana ku rugamba.

Iyo imitekerereze y'umukristo yamizwe n'iyi myumvire y'inshingano no kuhamagarwa ku kazi, hazabaho kwita gacye ku bintu bito.

Iyo umukristo asobanukiwe ko ahagaze ku rugamba hagati y'abanzi bamugenze ngo batware ubuzima bwe, azagaruka, atumbere ibiri ngombwa: gusenga iteka adasiba, kwiga no kumenya Ijambo ry'Imana, kutirengagiza guterana kwa bene se, kandi anakora mu nzu y'Umwami akomeje. Uri umusirikare, umurwany ku rugamba udafite umwanya wo guta. Rero gumya intumbero yawe ku butwari bisaba.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umurwany, nambaye intwari z'Ijambo ry'Imana ridapfa rizimya buri gitero cy'umuriro cy'umwanzi. Sinshobora gutsindwa nk'umurwany mu ngabo za Kristo. Nzakomeza ngende imbere. Halleluyah**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abefeso 6:13



**Umubwiriza 12:13**

**Iyi ni yo ndunduro y'ijambo, byose byarumviswe. Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese.**

Nta munyeshuri wa Bibiliya waganira ubwenge ngo akuremo Salomo. Ku ngoma ye, Salomo yarushaga abandi ubwenge, ubutunzi, n'ubumenyi. Ahubwo, ubwamamare bwa Salomo bwashakishwaga n'I bwami bo mu bihugu bya kure. Salomo yari afite igikundiyo kidasanzwe mu bagore kugeza ubwo yari afite inshoreke 300 n'abagore 700 iwe (1 Abami 11:3). Ubwiza n'uburanga by' ingoro ya Salomo n'abamukoreraga biracyavugwa uyu muni.

Ku byerura neza, Salomo yari abifite byose, kandi ndavuga byose ubu buzima bwaha umuntu. Reba ko hanyuma yo kugira byose mu buzima n'ugukomera k'ubwami bwe, Salomo yari arangajwe imbere no kutugaragariza icyo yabonye ko ari icy'ingenzi kurusha ibindi mu buzima.

Inraribonye ya Salomo mu buzima yakagombye gutuma tubona ko yari umutware muri ibi. Iyo Salomo aza kuba ariho uyu muni, yari kuba ari nimeru ya mbere ku kinyamakuru cya Forbes nk'umukire wa mbere, umwaka ku wundi, nta n'umusatira. Indunduro ya Salomo ku bintu by'ingenzi mu buzima, nkuko bigaragazwa mu cyanditswe cy'uyu muni, bigomba kutubera icyitegererezo. Bihe agaciro maze ubuzima bwawe buhinduka bwiza. Halleluyah!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Intego yanjye irasobanutse, kandi ibyo nkorera Imana bizagumaho iteka ryose. Ibindi bintu byose biri hanze y'umurimo w'Imana ni iby'igihe gito. Ubu niteguye gukora icyo navukiye gukora, aribyo gukorera Imana nk'ukubaho kwanjye kose n'ibyanjye byose. Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Samweli 12:24





**Abafilipi 2:10**

**kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, cyangwa ay'ibyo muni y'isi.**

Ndibuka neza igihe ministeri yacu yari ikiri mu myaka wa mbere. Nubwo hari hari abanyamuryango bacye, nigishaga kandi nkanabwirizana ishyaka nkiry' uyu muni! Muri icyo gihe, ndibuka ntanga ubutumwa data mu mwuka, Pastor Chris Oyakhilome, yigishije bwitwaga Abaraganwa n'Akamero ke k'Ubumana.

Ku cyumweru cyakurikiyeho, umwe mu bateranye yazanye akagare k'umugore ukuze muri twe. Yari afite imyaka mirongo inani n'ibiri kandi yashakaga gukira. Byari ihurizo tutari twakabonye

mbere. Nari nagize iyerekwa mbere y'uwo muhuro aho nabonye imyambi itumbagira invamo ubwo nasengeraga abantu. Ubwo natangiraga gusengera uyu mugore ukuze, nari niteguye ko imyambi iri buguruke invamo, ariko nta cyabaye.

Imana, mu mbabazi zaYo, impishurira muri uwo mwanya ko itari imyambi yamvagamo mu iyerekwa ryanjye ahubwo ari We wenyine, Yesu! Ibi nabishyize mu bikorwa, hanyuma uwo mugore w'imyaka mirongo inani n'ibiri ahaguruka mu kagare ke atangira kugendagenda. Iyo uhaye agaciro kandi ugafata Ijambo ry'Imana ukomeje, ukarishyira mu bikorwa mu buzima bwawe, koko rizakora mu buzima bwawe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Sindi njyenyine. Mfite izina riri hejuru y'amazina yose, izina rituma amadayimoni ahinda umushyitsi. Imbaraga muri iryo zina rishobora kurimbura imbaraga zose z'umwijima. Nzakoresha iri zina kubw'inyungu z'ubwami. Ndi umutsinzi ubwo nkoresha izina rikomeye rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 2:9



**Matayo 20:28**

**Nk'uko Umwana w'umuntu ataje gukorera, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba in-cungu ya benshi.**

Kristo yerekanaga kamere nyayo n'imyitwarire y'icyo ari cyo gukorera. Ibaze Umwami w'icyubahiro kuva mu bihe byashize, ufashe igihe mu biganza bye, aho hari igihe kimwe yafashe icyemezo cyo gukandagira mu gihe kugirango yigarurire umunty. Yesu ntiyitaye ku rwego rwe; yari Yiyemeje kugarura ikiremwa muntu nuko Yiyemeza kubikora nk'ukorera.

Iyo ubaho ubuzima bwo gukorera, werekana akamero ka Kristo. Muri Kristo, twahamagariwe gukorera. Niyo mpamvu yavuze ngo niba ushaka

kuba ukomeye kuruta abandi mu bwami bw'Imana, ugomba kwiga uko bakorera. Igikorwa ubwacyo cyo kwikuramo byose kibe imyumvire yawe uyu muni. Umuyobozi nyakuri ayobora ari urugero, ari bwo buryo bwo gukorera duhamagarirwa kwerekana.

Icyanditswe uyu muni kirakomeye cyane mu buryo Yesu Kristo, Umwubatsi w'Ijuru n'Isi, Umuremyi ubwe yinjira mu cyaremwe ngo akorere icyo yaremye. Ibi bicishije bugufi cyane. Nidusobanukirwa akamaro ka Kristo afata akamero k'umukozi, tuzaba twiteguye umurimo w'Imana.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nahamagariwe gukorera, kandi niteguye gukorera. Kristo ni we rugero rwanjye, kandi nta na kimwe kizampagarika mu gukorera umurimo w'Imana. Nahawe imbaraga mu gukorera Imana n'iyerekwa risobanutse ryo kwambura ikuzima no kuzuzza ijuru. Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 2:7





**Abaheburayo 4:15**

**Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha.**

Abakristo bamwe bafashe ukwemera ko Yesu ari kure yabo cyane. Ntutekereze ko Imana iri kure yawe y'ibikurenze. Ibuka, uri icyicarwo gikuru cy'Imana. Iyo Pawulo avuze ngo, "muri umubiri wa Kristo" (1 Abakorinto 12:27), bishatse kuvuga ko iyo ugenda, Imana iba igenda, iyo wicaye, Imana iba yicaye, iyo watura, Imana iba yatura. Uhagarariye Imana ku isi; uku guhagararira Imana ntabwo ari imvugo gusa, ni impamo.


Ikibazo ni uko abakristo benshi batagera ku gusobanukirwa yuko batwaye Imana. Niba waravutse ubwa kabiri, Umwuka w'Imana ugira ubuturo muri wowe. Bibiliya iravugaga ngo, "Nuko rero Umwami ni we Mwuka, kandi aho Umwuka w'Umwami ari ni ho haba umudendezo" (2 Abakorinto 3:17). Ukuri k'ubuzima bwawe uyu muni ni uko Yesu atuye muri wowe kandi akorwaho n'ibikubuza amahoro. Ubwo burwayi ntabwo buha Yesu ubwisanzure. Arashaka kugukiza! Yesu ntabwo yishimira igihe wakubiswe n'ubukene, nkuko bamwe babivugaga. Hoya, ntabwo uko ari ugukora kwa Yesu. Yiteguye gutabara numwerera. Halleluyah!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi intorezo y'Umwami. Nzabona imbaraga z'Imana ku rwego rwo hejuru. Nzi yuko Umwuka w'Imana muri jye uri gukora umurimo. Rero, mfite icyizere cy'uko nshobora gukora byose, kuko nzi yuko byose bishoboka hamwe n'Imana. Amen!**

## **IBINDI BYANDITSWE**

Yesaya 53:4



# HEALING INSTITUTE

*with*  
Prophet Uebert Angel

*Networking the world with God's healing power...*

BECOME A **PARTNER** NOW, VISIT  
[WWW.HEALINGINSTITUTE.ORG](http://WWW.HEALINGINSTITUTE.ORG)





**Yesaya 43:19**

**Dore ngiye gukora ikintu gishya, ubu ko kigiye kwaduka ntimuzakimenya? Nzaharura inzira mu butayu, ntembeshe imigezi mu kidaturwa.**

Biratangaje ubwinshi bw'abakristo bacyumva hari aho bahuriye kandi baboshywe n'ejo hashize. Abakristo bamwe baracyarwana n'ibya babayeho mu myaka mirongo itatu, mirongo ine cyangwa mirongo itanu ishize. Iyo ubaye umukristo, ubuzima bwawe buba buhishwe muri Kristo. Wowe ushaje aba yasohowe, umwuka mushya aba yatewe muri wowe. Bibiliya ivuga ko ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya (2 Abakorinto 5:17).

Icyo kintu warwanye nacyo imyaka n'imyaka ni cyo kintu gikomeza kukumanura hasi. Uri icyaremwe gishya mu bwami bw' Umwana ukunzwe w'Imana, Yesu. Halleluyah! Imana yiteguye kukuvugisha mu buryo butaziguye, bwihariye, bweruye, bufite icyerekezo kandi n'ishyaka ryinshi ku iherezo n'ahazaza byawe, ku mafaranga yawe no ku muryango wawe. Yiteguye kuguha kubaho Ijuru Ku Isi. Ariko ejo hawe hashize hakomeje kuguhiga.

Aho ugeze mu buzima bwawe, ntureke igicu cy'ejo hashize hawe gipfuka uko utekereza. Inyandiko nyamukuru mu cyanditswe cy'uyu munsi ireruye: Imana iri gukora ikintu gishya mu buzima bwawe. Gisingire, uzarabagirana.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi icyaremwe gishya. Uturemangingo tw'Imana ubu turatembaba mu mitsi yanjye, kandi sinshobora kubuzwa amahoro n'ejo hanjye hashize. Nshize amanga kandi ndakomeye. Ntabwo ndi umucakara ngo ngire ubwoba, kuko Imana itampaye umwuka w'ubwoba ahubwo yampaye uw'imbaraga n'ubwenge. Mbayeho ubuzima bw'Ijuru Ku Isi. Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 5:17

67

**GoodNews**  
DAILY



**Kuva 13:21**

**Uwiteka ku manywa yabagendaga imbere ari mu nkingi y'igicu ngo abayobore, nijoro yabagendaga imbere ari mu nkingi y'umuriro ngo abamurikire, babone uko bagenda ku manywa na nijoro.**

Bibiliya yavuze ko ubwo abana ba Isiraheli bavuye muri Egiputa, Umwami Mana yabaga inkingi y'umuriro mu ijoro n'iy'igicu ku manywa. Imana yabahaye ikirere n'ibidukikije byihariye kugira ngo ibarinde imiterere ikaze yo mu butayu. Ubutayu burakaze cyane, harakonja nijoro kandi hagashyuha birengeje urugero ku manywa.

Hamwe n'ubwi bumenyi, Imana yahisemo kubaha ikirere n'ibibakikije byihariye. Uko abisiraheli bari babayeho

byari bitandukanye n'uko ubundi bwoko bubayeho. Imana yacu ni Imana y'ibitangaza kandi Ishobora kuvugurura ubuzima bwawe mu buryo nta muntu wabyumva. Ese uri gufunfurura ku Ijambo, Umwami ari kurema ikirere cyihariye ku bwawe n'umuryango wawe.

Mbega igitangaza bene data! Bibiliya itwita abambasaderi ba Kristo, bishatse kuvuga ko ibigega byacu bitava mu isi y'ibifatika ahubwo biva hejuru. Iyo abanda barira, ntabwo uzarira kuko aho ubarizwa nta bukene, nta kimwari, nta magorwa. Wabyawe n'Imana, kandi ibigukikije ni iby'ubumana. Uzabaho ubuzima bw'ibitangaza mu izina rya Yesu.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ibigega byanjye biva mu juru kandi ntabwo nzakena icyiza na kimwe muri ubu buzima. Mbaho ubuzima bw'umwuzuro kuko mpabwa ibivuye mu ijuru mu izina rya Yesu. Amen!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yobu 22:29





**2 Abakorinto 4:9**

**turarenganywa ariko ntiduhanwa,  
dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa  
rwose.**

Iyo urebye diyama yatunganyijwe cyangwa impeta y'izahabu ubona ubwiza n'uburanga bwayo, ariko inyuma y'ubwo bwiza hari ukumenagura no gutwika biba. Intumwa Pawulo yakomoje ku bwoko bwose n'uburyo bwose bwo gutotezwa butuzaho, nk'abana b'Imana ariko ikintu kiruta ibindi yavuze cyiza ni uko tudakurwaho cyangwa ngo turangire! Iyo itsi idutsikamiye, nagomba kumenya koko icyo dukozwemo.

Twabyawe n'umwuka kandi dufundura ku Ijambo ry'Imana! Ijambo ni ikigize uturemangingo twacu! Duhumeka

Ijambo ry'Imana kuko tubeshwaho n'Ijambo! Iyo dutsikamiwe, igisohoka muri twe ni, "umutobe w'Ijambo" kuko dukozwe n'Ijambo ry'Imana. Ntakintu kizakunyeganyeza cyangwa umuryango wawe kuko ushinze imizi mu Ijambo ryaYo. Uhagaze kuri Kristo urutare rukomeye, kandi nta mwuzure cyangwa gutotezwa bizakunyeganyeza mu izina rya Yesu!

Ndanze kujya mu ijuru ngo mpagarare imbere y'abajenerali, nk'umujenerali udafite inkovu. Dushobora gutotezwa, kuregwa, kwamburwa, ariko byose bizaha Imana icyubahiro. Ministeri yacu ni ubuhamya bw'uko Imana ishobora isaro ry'agaciro mu muriro ugurumana w'urwango no gutotezwa. Iyo ufite Ijambo ry'Imana muri wowe, nta cyagusenya!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ijambo ry'Imana nibwo buzima n'uturemangingo tungize. Ntabwo zanyeganyezwa no gutotezwa, umubabaro, no gusebanya mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSEWE**

Matayo 5:10-12



**2 Abakorinto 5:17**

**Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.**

Ubuzima bwo kuvuka bwa kabiri ntabwo ari ukuya mu buzima bumwe ujya mu bundi gusa. Ni ukuvugururwa kuzuye kwa sisitemu ishaje. Bibiliya iravuga ngo, umuntu wese iyo ari muri Kristo, ni icyaremwe gishya. Ijambo "gishya" ni ijamba "Kainos" mu kigiriki rivuga ubwoko butigeze kuba ho mbere. Ntabwo wahindutse gusa ahubwo warasimbujwe byuzuye.

Ubuzima bwawe ntabwo ari uguhindurwa bw'ubwoko bushaje, ahubwo ni ikintu gishya rwose. Satani ashobora kugerageza kukwibutsa gutsindwa

kwawe kwashize n'ibitari byiza ufite, ariko mumenyeshe ko atari na we watsinzwe my bihe byashize. Imico yo gutsindwa yari iri kuri wowe wa kera, atari iki cyaremwe gishya. Tegeka kandi wature ko gutsindwa atari umugabane wawe kandi ko uzagira umuvuduko mwiza muri buri kintu ukozeho.

Hangana n'intego nshya n'intumbero nshya kuko uri muri wowe aruta cyane uri mu isi. Uturemangingo dukora muri wowe ubu ntabwo ari ikintu cyo mu muryango wawe ufatika ahubwo gituruka mu ijuru. Ubwo usoma ubu butumwa bwa gihanuzi, reka byandikwe mu mwuka wawe, ubugingo n'umubiri byawe ko wabyawe n'Imana

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nabyawe n'Imana, ndi urubuto rw'ubumana kandi nzafata uturere. Nzategeka ibinkikije kandi nzaganza buri gice mu izina rya Yesu**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abakolosayi 3:2





**Yohana 15:19**

**Iyo muba ab'isi, ab'isi baba babakunze. Ariko kuko mutari ab'isi, ahubwo nabatoranyije mu b'isi, ni cyo gituma ab'isi babanga.**

Hari imvurur mu isi ubu ubwo ubukungu buri kunanirwa, amasoko ari kwikubita hasi, kandi kunanirwa k'ubukungu gusa nk'aho kwegereje, ariko tuzasanga hari abana b'Imana bibzaza uko bazatambuka muri uwo muhengeri. Bene data, reka mbibutse, ntabwo ukeneye kwambuka umuhengeri, anga kwitabira gusa!

Ushobora kubaza, "muntu w'Imana, ni gute nasigara, kandi ubucuruzi bwanjye, akazi kanjye, n'ibindi byose byanjye biri mu isi y'ibifatika?" Umva, icyanditswe cyacu uyu muni kiduhishurira ko

turi muri iyi isi, ariko ntabwo turi ab'iyi si! Ntabwo tubarizwa mu isi ibamo akavuyo, ubukene no kunanirwa.

Duhabwa n'ubukungu bwa Siyoni. Iyo isis ivuze ko hari ukumanurwa hasi, tuzavuga ko hari ukuzamurwa. Ubwo usoma ubu butumwa bwa gihanuzi, tegereza ibidasanwe kukubaho! Amafaranga yawe, kuzamurwa mu kazi, no kongerwa bizava ahantu utari utegereje. Kuva uyu muni, niwumva bavuga kunanirwa k'ubukungu, uzababwire gusa ko utaribwitabire!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Navukiye mu ijuri kandi ibigega byanjye biva hejuru. Sinzakena ikintu cyiza na kimwe. Ubuzima bwanjye ni ubuhamya kandi icyari cyo cyose nzakora kizatera imbere nta kabuza mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 12:2



**Abalewi 25:49**

**Cyangwa se wabo cyangwa mwene se wabo, cyangwa mwene wabo wa bugufi wese yamucungura, cyangwa na we ubwe yahinduka umukire yakwicungura.**

Iyo tuvuga ngo Yesu Kristo yaducunguye ku bwoko bwose bw'imivumo, bisa nk' aho hari impaka mu byo Bibiliya ivuga ushingiyeye kuri icyi cyanditswe. Ugendeye kuri iki cyanditswe, bisa nk'aho bidashoboka ko umuntu utari mwene wanyu yagucungura. Ibi nibyo twita impagarara mu nyandiko muri Te-wolojija kuko ni gute Yesu yaducungura atari mwene wacu?

Nkurikira hano, mu ishami rya Siyanse hari ikintu bita Autosomal DNA; ni ijamba rikoreshwa mu kwiga ibijyanye

n'utaremangingo (genetic genealogy) mu gusobanura DNA iba yakuye muri autosomal chromosomes. Gumana nanjye; ikibazo mu mutwe wawe ubu ni gute Yesu Kristo yaducunguye kandi atari mwene wacu? Igitabo cy'Abefeso 4:6 gihishura ko Ari "Data" hanyuma igitabo cy'Abagalatiya kigahishura ko Ari "Mama".

Ibyanditswe bihishura ko Yicaye hejuru cyane kure y'amajuru bivuze ko Ari hejuru ku mpera, utanibagiwe ko ari urufatiro rwacu bishatse kuvugaga ko ari ku mpera hasi! Imigani ihishura ko ari "mushiki" wacu, mu Bahiburayo bagahishura ko "musaza" wacu. Mu gitabo cy'Abalewi, Ni "Marume" akaba na "mubyara" wacu. Nuko rero, Yesu yuzuzaga byose muri byose! Gorora intugu zawe hanyuma usohoke uyu muni uzi ko utari umunyamahanga ku musozi Siyoni, Yesu ni mwene wanyu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi mwene wabo na Yesu Kristo utavangiye, nuko rero, simpagarikwa mu byon kora byose mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Ibyahishuwe 1:17





**2 Abakorinto 3:18**

**Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw'Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hatwikiriye, duhindurirwa gusa na we tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza, nk'ubw'Umwami w'Umwuka.**

Igihe tumara ugereranyije nk'umuntu mukuru ku ndorerwamo cyaba amasaha n'amasaha mu mwaka. Abantu bareba mu ndorerwamo kugirango bamenye niba uko bagaragara biri ku murungo. Bamwe barenga urugero rwo gukererwa ku kazi, gusiba ingendo cyangwa ishuri bari kunoza uko basa inyuma mu ndorerwamo. Kureba mu ndorerwamo ifatika ntakirenze ikora usibye kukwereka ibitameze neza ku isura yawe.

Bibibiya, ariko ivuga Ijambo ry'Imana nk'indorerwamo; urushaho kuba nk'Imana uko urushaho gusoma Ijambo ry'Imana! Indorerwamo. Bibiliya yawe uvuga ko wahawe imigisha y'umwuka yose (Abefeso 1:3), kandi Kristo yabaye umukene kugira ngo ube umukire (2 Abakorinto 8:9). Uko ukomeza gusoma ibi, niko ukomeza kuba icyo Ijambo ry'Umwami rivuga.

Tekereza byimbitse ku Ijambo ry'Imana amanywa n'ijoro, uzagira intsinzi nziza. Jya ku Ijambo, uzagarukana ubuhamya mu buzima bwawe, ubucuruzi, amashuri, urugo, mu izina rya Yesu! Fata icyemezo nkana uyu muni hanyuma ufate umwanya wo gusoma Ijambo ry'Imana no gusenga.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Njya ku Ijambo kandi nta kabuza nzagarukana ubuhamya. Ubuzima bwanjye bwuzuye ibitangaza bitagira umubare kandi icyubahiro cy'Umwami kiragaragara mu minsi yose y'ubuzima bwanjye.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yakobo 1:23



**Luka 18:1**

**Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe.**

Bibiliya ivuga ko Imana itajya isinzira cyangwa ngo ihunikire. Mbega ubushobozi cyangwa ikoranabuhanga butuma Imana idasinzira cyangwa ngo ihunikire. Imana nta ejo hashize cyangwa ejo hazaza igira kuko itajya isinzira. Irakantse kandi irushaho gukora, Iba mu iteka ryose rimwe rya none! Ifite amakuru kurusha ikinyamakuru cy'ejo, kandi Izi buri ngingo y'ubuzima bwawe ku rwego rwo kumenyis umubare w'umusatsi uri ku mutwe wawe!

Icyanditswe cyacu hejuru cyatweretse ko dushobora gufata kuri iryo koranabuhanga ry'Imana, ubushobozi bwo

kudatashuka, guhunika cyangwa kurambirwa. Yavuze gusenga, nta kurambirwa, bivuze ko igihe uretse gusenga, ugera mu gihe cyo guteshuka. Umumaro wawe uburizwamo n' ubukene mu gusenga. Fata umurongo wawe uyu muni, utangire gusenga uko utigeze gusenga. Bishobora iminota mike yo gusabana n'Imana, ariko nta sengesho ripfa ubusa.

Reka umwuka wawe mu murongo w'isi y'umwuka mu kwiyezurira gusenga kwawe. Umwuka wawe urahindurwa, kandi amasengesho yawe azatsinda ibiriho byose. Nta buzima bwo guteshuka no guhunikira ukundi, cyangwa gutsikamirwa. Umwanya wo gusenga ni umwanya w'intsinzi yawe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Umwanya wo gusenga kwanjye ni umwanya w'intsinzi yanjye. Mfashe umurongo wanjye mu gusenga kandi nzabaho ubuzima bw'ubutsinzi n'ubwinshi mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Abatesalonike 5:16





**Ibyakozwe n'Intumwa 17:28**  
kuko ari muri yo dufite ubugingo bwa-  
cu, tugenda turiho, nk'uko bamwe  
bo mu bahimbyi b'indirimo banyu  
bavuze bati 'Turi urubyaro rwayo.'

Nufata Bibiliya nka kimwe muri bya bitabo by'amateka, nta kabuza uzasangamo intambara n'ibintu byose byemeza icyo gitekerezo. Ku bayifata nk'igitabo cy'urukundo, nta kabuza uzasangamo ikintu kijyanye n'urukundo muri yo, ariko hari ikintu kirenze ibyo mu Ijambo ry'Imana. Bibiliya iravugana ngo, "ni muri yo dufite ubugingo bwa-cu, tugenda turiho." Zirikana ko Bibiliya ivuze "muri Yo" atari "hamwe naYo", bivuze ko uri muri Kristo nk'ahantu.

Ni urwego rwo guhishurirwa rwo hejuru kumenya ko Kristo ari ahantu ubarizwa.

Iyo uri mu imbere ya bulldozer, nta kintu na kimwe cyaguhagarika, uri imbere mu mbaraga idashobora kurwanya cyangwa ngo yitambikwe! Iyo uri muri Kristo, uri imbere y'imbaraga ikomeye kurusha izindi mbaraga n'ubushobozi bwose! Nta musozo utakurwaho cyangwa ikibaya kitakuzwaga.

Genda, utsinde kuko nta kintu kidashoboka iyo uri muri Kristo Yesu. Ubwo bucuruzi cyangwa umushinga usa nk'aho udashoboka, biroroha cyane iyo uri muri Kristo Yesu! Uyu muni ni umuni mushya kuri wowe. Tangira kumenya Kristo nk'ahantu hawe bwite hanyuma unyure mu nkingi yose yakuzitiraga! Imbaraga zirahari, n'ubuntu burenze ubuhagije!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Yesu ni ahantu hanjye. Muri Yesu Kristo, ndiho, ndagenda kandi mfite ubugingo. Nta kintu gishobora kumpagarika! Imiryango y'ubukungu, ubuzima bwiza n'intsinzi izamfungukira ubwayo mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 5:17



**2 Petero 1:12**

**Ni cyo gituma nanjye iminsi yose ntazagira ubwo nirengagiza kubibutsa ibyo, nubwo musanzwe mubizi mugakomera mu kuri kuri muri mwe ubu.**

Amakuru arahinduka igihe n'igihe, kandi ibyari bifite akamaro mu bihe byashize bishobora kuba bitagifite akamaro muri iyi minsi n'ibihe bigezweho. Imodoka cyangwa ibirango byari bishishikaje mu bihe byashize bishobora kuba bidashimishije uyu muni. Iryo hame rigenga isi y'umwuka. Ihishurirwa ntabwo rihagarara ahubwo rirahinduka cyane kandi rigatandukana.

Iyo uje ku Mana cyangwa mu bintu by'Imana, ujye wikoramo byose hanyuma wemerere Imana kukuzuzamakuru afite akamaro muri iki gihe.

Icyanditswe cyacu gisoza kiduhugurira gukomera ku kuri cy'uyu muni. Reba, kugira ngo habeho ukuri k'uyu muni; bivuze ko hari ukw'ejo hashize n' ukw'ejo hazaza. Amahishurirwa amwe ni ukuri kwa kera gusa itorero rikigenderaho. Kumenya Imana nk'ikora ibitangaza ni ihishurirwa rya kera.

Uyu muni, tuzi ko muri We tugenda, turiho kandi dufite ubugingo, bishatse kuvuga ari twe tuba turi gukora ibitangaza. Turi abakora ibitangaza! Uko tujya ku Ijambo, tugasabana n'Imana mu gusenga no kwinginga, tubona manu nshya iva mu ijuru! Imana izatangira kurekura ukuri k'uyu muni, amakuru y'akamaro ku iherezo ryawe kandi uzaba ufite amakuru kurusha ikinyamakuru cy'ejo!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndashikamye mu kuri kwa none kandi muri Kristo ndiho, ndagenda kandi mfite ubugingo. Iherezo ryanjye rigengwa n'Ijambo ry'Imana ari ryo jambo rihamye ry'ubuhanuzi! Halleluyah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 5:17





**Daniyeli 7:9**

Nkomeza kwitegereza kugeza aho bashyiriyeho intebe z'ubwami, haza Umukuru nyir'ibihe byose aricara. Imyambaro ye yeraga nka shelegi, kandi umusatsi we wasaga n'ubwoya bw'intama bwera. Intebe y'ubwami bwe yasaga n'ibirimi by'umuriro, kandi inziga zayo zasaga n'umuriro ugururama.

Buri kibazo kikugwirira kiba gitesha agaciro imbaraga z'Imana. Nta kibazo na kimwe gikomeye kuruta Imana. Imana yabayeho mbere yuko ibihe bitangira, kandi nta kintu gishya, cyaba cyiza cyangwa kibi imbere y'amaso y'Umwami.

Daniyeli yamwise "Umukuru w'ibihe...", iyo Imana yiswe Umukuru w'ibihe,

bivuze ko n'iminsi iYubaha nk'Umukuru. Yabayeho mbere y'uko ibihe bitangira; iminsi imwita Mukuru. Iyo uwiYaramya, wibuke ko utari kuramya ikigirwamana cyabajwe ejo ahubwo Umwe wabayeho mbere y'ibihe. Ubwo burwayi mu mubiri wawe, icyo kibazo aho ukorera cyangwa aho wiga, ntacyo kivuze ugereranyije n'imbaraga z'Imana!

Uramya Imana ikomeye, Umwe udashyirwaho cyangwa ngo akurweho n'amatora. Uwo, wicaye mu muzenguruko waYo. Jya hanze, urebe impinduka muri buri gice cy'ubuzima bwawe kuko ukuboko k'Umwami kuri ku buzima bwawe!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Imana yanjye ni Umukuru w'ibihe, yabayeho mbere y'ikibazo cyawe. Ndaramya Ndiho uhambaye. Buri kintu cyose kijyanye nnye kiri gukorera hamwe kubw'ineza yanjye mu izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Ibyahishuwe 22:13



**Itangiriro 32:25**

**Yakobo asigarayo wenyine. Haza umugabo ramukiranya, bageza mu museke.**

Umuhuro wa Yakobo n'iherezo waje igihe yari wenyine. Tuzi ko Yakobo yari afite abana, n'abagaragu, incuti, n'urugo rwose, ariko yahisemo kuba wenyine icyo gihe kugira ngo atekereze byimbitse ku rundi rwego rwe. Iyo Imana ishaka kukuvugisha, hari ibihe uzajya wisanga uri wenyine!

Buri muhura w'ubumana uzasaba kwitandukanya n'abandi. Ubusobanuro nyakuri bwo kwera ni "kuvanwa mu bandi" cyangwa "gutandukana". Ibyo Imana igiye gukora mu buzima bwawe bizasaba kuba wenyine kandi nta buryo abanda bakugeraho.

Ahantu wajyaga ujya, ntabwo uzasubira kuhajya! Iyo wasizwe wenyine ngo ukoreshe n'Imana, imvugo yawe n'imyambarire yawe irahinduka.

Iyo kubwo nta mpamvu igaragara, wirukanywe, iyo abantu wafataga nk'incuti bagutaye nubwo wari ubafitiye urukundo rufitangira, uzabona ko uri umucandida wo gukoreshwa n'Umutware. Bibibiya iravuga muri Yakobo 1:2, "Yakobo asigarayo wenyine. Haza umugabo aramukiranya, bageza mu museke." Ibibazo bamwe bihaguruka bitunguranye mu buzima bwawe biguma gutuma habaho kwizihiza; ntuhangayike, Imana iracyari ku ngoma; urundi rwego rwo hejuru iregereje, kandi uzaseka bwa nyuma mu izina rya Yesu.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nahamagariwe ibihambaye, nzigisha amahanga, ubuzima bwanjye buzabagira kandi bwuzure imbaraga. Nta kibazo kizanesha kuko ningwa karindwi, nzongera mbyuke inshuro zirindwi mu izina rya Yesu, Amen!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Daniyeli 10:8





**Abacamanza 6:12**

**Marayika w'Uwiteka aramubonekera aramubwira ati Uwiteka ari kumwe nawe wa munyambaraga we, ugira n'ubutwari.**

Gidiyoni yasubije mu bwihebe igihe umumalayika w'Umwami yamwise umugabo w'umunyembaraga ufite ubutwari" mu murongo ukurikira muri icyo nyandiko. Ahubwo, icyo Imana inyise mwiza, none ni ukubera iki amafaranga yanjye akomeza ashira? Niba Imana ihari koko, ni ukubera iki ndi kwirukanwa ku kazi? Niba Imana ikomeye bingana bityo, ni ukubera iki ikibazo cy'imbuto yo mu nda ikiri mu rungabangabo?

Marayika w'Imana yahuye na Gidiyoni ku butaka bwitaruye, imubwira uwo ari

we by'ukuri igihe igihugu cyose cya Isiraheli cyari kiri kunyura mu bihe by'amakuba nta mugaba w'ingabo bafite. Mu bwenge bwe butagira iherezo, Imana ikubona mu bundi buryo. Ukuri kwaYo ku wo uri we rimwe na rimwe ritandukana n'ukuri k'ubuzima busanzwe.

Tekereza ku matsinda y'imibumbe, sisitemu z'imigabane bizwi n'abantu, n'izitazwi. Ubunini bw'isanzure n'ibirimo byose ubwabyo bizatuma usobanukirwa ko Iri hejuru y'ubwenge bwa kimuntu. Ibyo byose uri kunyuramo ubu, humeka cyane kuko Imana yiteguye kugaragara no kwigaragaza muri ibyo unyuramo, kandi uzaririmba indirimbo nshya mu izina rya Yesu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndakomeye, nduzuye, nta kibura, ntacyo nkennye. Ubuzima bwanjye buzahora burabagirana imbere y'abantu kugira ngo buheshe icyubahiriro Data uri mu ijuru. Ndi igitangaza mu izina rya Yesu. Amen!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Luka 1:11



**1 Samuel 10:11**

**Maze abamumenyaga kera bamu-bonye ahanurana n'abo bahanuzi barabazanya bati "Mbese bibaye bite kuri mwene Kishi? Mbega Sawuli na we ari mu bahanuzi?"**

Sawuli yari azwi n'incuti, umuryango n'abo bafite isano nk'umugabo usanzwe. Mbere y'imvugo ye ya gihanuzi, Sawuli ntiyari yarigeze kuba umuntu Wabasha guhanura. Abantu benshi bibaza ibyabaye kuri Sawuli; aho yigiye guhanura? Ni nde wamwigishije, cyangwa se niba impano yo guhanura yarayirambikiweho ibiganza? Itegereze ko Sawuli yari ari mu bahanuzi; yari ari hagati muri bo hanyuma ahuza n'ugukora kwa gihanuzi.

Rimwe na rimwe ufatana n'ugukora kwa gihanuzi; ibira mu ihishurirwarigendanye no gukora kwa gihanuzi, nk'irya Spirit Embassy; itorero ry'ubutumwa bwiza, kandi impinduka ihera imbere. Ijambo ry'Imana rifite imbaraga zo guhindura ubuzima bwawe burundu; fata ikini buri munsu usoma kandi utekereza byimbitse ku Ijambo.

Ukeneye ibi ko biba igice cy' ukubaho kwawe. Iyo uhuye n'Imana mu Ijambo ryayo, uri mu mwanya w'igitangaza. Sabana n'abakristo bagenzi bawe mu kwiga Ijambo, ubwo rishinga imizi mu mutima n'ubwenge byawe, uzatangira kubona isi mu bundi buryo.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ngendera mu mahuriro y'ubumana. Mpujwe n'Ijambo ry'Imana; umwuka wanjye uragaburiwe kandi ubuzima bwanjye burabagirana n'ubwiza bw'Imana, uko nguma gucomekwa mu Ijambo ry'Imana ririho mu izina rya Yesu. Amen!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 13:54





**1 Abatesalonike 5:11**

**Nuko rero muhumurizanye kandi muhugurane nk'uko musanzwe mu-bikora.**

Ibihe byinshi, mu ruhame no mu matara y'ibuma bifotora, amapeti, ibikombe, ibihembo, n'inyito bitsindirwa n'umutsinzi azamura igikombe yishimye. Ishusho yabyo ishobora kuba ishashagirana, ishishikaje n'ikirere gicanye! Umutsinzi, birenze ku byishimo n'umunezero, ahora yibutswa ikintu kimwe cyangwa umuntu umwe; uwo ni utera imbaraga.

Uwo muntu umwe gusa mu buzima bwawe, gutsimbarara no kwiyemeza bye byakugejeje ku yindi ntera; uri kwiyubaka kugira ngo ugere ku bushobozi Imana yaguhaye. Utera imbaraga

ntabwo ahabwa ibihembo n'ibikombe, ariko umutsinzi azi ko intsinzi ye itari kubaho adahari. Pawulo yagize impuhwe mu ibaruwa ye ku bate-salonike kubyo yari itegereje ko bakora.

Ushobora kuvuga ngo sindi umwigisha, sindi intumwa, sindi umuhanuzi, ariko uri umukristo! Uri uwa mbere mu kugaragara nk'utari umukristu. Ushobora kuba utari mu mwanya runaka, ariko amagambo yawe y'ihumure no gutera imbaraga azatera impinduka mu buzima bw'umuntu. Ubuzima bwimbitse buzingiyemo kwerekana urukundo kuri buri umwe, gukunda abadakunditse, guterana imbaraga ku kugera ku ntera zo hejuru.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ubuzima bwawe ni ubuzima bw'ubutsinzi. Ntabwo nzashyigiki-ra gucana integer, cyangwa ngo mbe ucana integer, hoya, ntabwo bizaba muri jye. Nteguriye kuyobora no kubaka abanda. Aho njya hose, ubuzima bwanyje buzakurura inkuru nziza buri gihe. Amen!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abefeso 4:29



**Ibyakozwe n'intumwa 12:7**

**Nuko marayika w'Umwami Imana ahagarara aho, umucyo waka mu nzu, marayika akoma Petero mu mbavu aramukangura ati "Byuka n'ingoga." Iminyururu imuva ku maboko iragwa.**

Mbwira abantu ko Satani atinya umucyo wawe, Atari amavuta yawe! Ibi bifata abakristo benshi igihe cyo kubyumva. Imbaraga muri wowe, ni uku-bera ubwinshi bw' umucyo muri wowe, kandi kugira uyu mucyo bizamura urwego rwawe mu isi y'umwuka. Malayika waje kubohora Petero yazanye umucyo, uwo mucyo wari ufite ubushobozi bwo guca iminyururu yari iboshye Petero hasi muri gereza.

Ugomba gusobanukirwa kugirango usohore mucyo bizasaba kugira uwo

mucyo muri wowe. Niba nta mucyo uri muri wowe, nta kintu cyo gusohore. Zaburi 119:130 "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, Guha abaswa ubwenge". Kuva muri iki cyanditswe, tumenye ko umucyo uboneka mu Ijambo ry'Imana, halleluyah!

Uko Ijambo ry'Imana riyongera muri wowe, ni ko umucyo umurika wiyongera. Ubwo umucyo nta kabuza ukuraho umwijima kandi ukabasha guca iminyururu y'ubukene, uburwayi, ubugumba, no gufungwa, igisubizo rero ni ukwakira umucyo kurushaho biciye mu kugira Ijambo ry'Imana birushijeho muri wowe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi ubwoko bugenda, buriho, kandi buhumeka n'Ijambo ry'Imana muri jye. Ndi utanga umucyo; rero, Satani ntacyo amfiteho. Ngendana umucyo urangiza igenzura ry'umwanzi kuri jye. Amen!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Luka 2:9





**Luka 5:4**

**Arangije kuvuga abwira Simoni ati “Igira imuhengeri, mujugunye inshundura murobe.”**

Hashize amezi 7 nk’itorero ku buntu bw’Imana twinjiye mu cy’iciro cyubuzima bwimbitse. Karindwi ubusanzwe mu buzima bw’umwuka isobanuye gutungana. Ubuzima bwimbitse twatangiyeho buhagararoye, ubuzima bwo gusenga bwimbitse, ubuzima bwimbitse mu kwiyegurira umurimo w’Imana.

Ubuzima bwimbitse busaba gusoma Ijambo ry’Imana byimbitse. Ubuzima bwimbitse bwagenewe gutegura abagabo n’abagore, ngo batungane rwose nkuko Se atunganye. Mu buzima bwimbitse Bibiliya niyo mfashanyigisho yonyine yagufasha kuba uwo Imana

ishaka ko uba we. Kimwe mu byiza by’ubuzima bwimbitse n’Imana ni uko wera imbuto nyinshi.

Iyo umaze gusobanukirwa ko ubuzima bwimbitse buzana inyungu, iby’umwuka bifata indi nzira itandukanye. Turi abarobyi b’abantu nturi abafata abantu. Kubwibyo, dukwiye gutangiza ubuzima bwimbitse mu murimo w’Imana niba dushaka kuzana abantu benshi kuri Kristo. Kwinjira mu buzima bwimbitse ni ukwirinda ubuzima bwa giKristo busanzwe tugashyamba imizi mu Ijambo ry’Imana ndetse n’iby’Umwuka.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Namaze kwinjira mu cyiciro cy’ubuzima bwimbitse. Sinzasubira inyuma, nzakomeza nje mubuzima bwimbitse, nzakomeza mvuge ubutumwa bwiza, nzana abantu benshi kuri Kristo, kuko dushaka Ijuru ryuzuye ikuzimu hari ubusa**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 21:6



**Kuva 17:12**  
maze amaboko ya Mose araruha. Bavyana ibuye bararimutega arycaraho, Aroni na Huri baramira amaboko ye umwe iruhande rumwe n'undi urundi, amaboko ye arakomera ageza ku izuba riranga.

Mose yazamuraga amaboko we ubwe, abisirayeli bagatsinda abanzi babo mu ntambara. Mose yamanura amaboko, abanzi babo bakabatsinda.

Birakwiye ko usobanukirwa neza ko hari ikintu gikomeye cyabaga; hari isano hagati yo kuzamura amaboko kwa Mose, hamwe n'intsinzi y'abisirayeli mu ntambara. Uku kuzamura amaboko ndetse no gutsinda urugamba byerekana ko hari uruhare rwacu rukenewe kugira ngo igisubizo dushaka

kitugereho ku rundi rwego.

Mpora mbwira abantu kudasuzugura isengesho ngo bumve ko ryoroshye, kuko iyo usenze, uba uhaye imbaraga abamarayika ngo bakore. Isengesho ryawe ni nko kuzamura ibiganza kwa Mose mugihe ab'isirayeli bari mu ntambara. Uko usenga, niko abamarayika bahabwa imbaraga zo gutsinda abadayimoni n'izindi mbaraga mbi zose.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Sinzasubira inyuma, ubuzima bwanjye buzaba nk'intwari y'inyambara y'Imana. Nzakomeza abamarayika bakora kuruhande rwanjye mu isengesho, kandi sinzigera numva nihagije mu izina rya Yesu. Amen!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abefeso 6:18



*Bebé Angel*

C O R E 1 0 0  
B e B e A n g e l

CORE 100 IS AN EXCLUSIVE MEMBERSHIP PROGRAM BY PROPHETESS BEBE ANGEL FOR LADIES FROM ALL WALKS OF LIFE WHO HAVE ONE THING IN COMMON – A DESIRE TO GROW IN THEIR KNOWLEDGE OF JESUS!

TO JOIN CORE 100 VISIT

[WWW.BEVERLYANGEL.ORG](http://WWW.BEVERLYANGEL.ORG)



**Zaburi 91:1**

**Uba mu rwiho rw'Isumbabyose, Aza-hama mu gicucu cy'Ishoborabyose.**

Ibihugu byinshi biteye imbere bafite inomero yo guhamagara byihutirwa. Izi nomero zihamagarwa igihe habaye ikibazo gikeneye ubutabazi bwihutirwa. Igihe iyo nomero ihamagawe, bahita bamenyeshya abashinzwe ubutabazi byihuse bakajya gutabara. Ikiyagarara nuko niyo wibeshye ukayihamagara nta kibazo ufite, uhita woherezwa abashinzwe gutabara kugira ngo bamenye neza ko nta kibazo wahuye nacyo.

Muri ubwo buryo, Imana nayo yaduhaye inomero zo guhamagara byihutise mu gihe duhuye n'ibibazo. icyanditswe cy'uyu muni ni imwe muri izo

nomero. Byongeye, Yeremiya 33:3 haravugaga ngo: Yer 33:3: 'Ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeme biruhije utamenya.'

Muri uwo mwanya ubwo baguha ibaruwa igusezerera, muri uwo mwanya ubwo bakubwiye ko bagusanzemo indwara yangiza kandi yica, muri ibyo bihe ubwo ibibazo byiyongera aho ukorera. icyo nicyo gihe cyiza cyo kuvugaga mu ndimi unahamagara za nomero byihutirwa. Imana yacu yo kwiringirwa izohereza abamarayika bayo kugukiza ibibazo nuhamagara Zaburi 911 cyangwa Yeremiya 333. Ubwo uhagaze mu Ijambo ry'Imana, hamagara nonaha, maze urebe ubufasha ukuntu buza bwihuse mu izina rya Yesu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi ku rutonde rw'Imana, ndi muburizi buhorago bw'imbaraga z'ijuru. Sindi nyenyine, abamarayika barangose 24/7, kubwibwo nta ntwaro yacuriwe kundwanya zagira icyo intwara. Ndi umutsinzi mu izina rya Yesu.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 32:7





**Abaheburayo 6:20**  
aho Yesu yatwinjiriye atubanjirije,  
amaze guhinduka Umutambyi mukuru  
iteka ryose mu buryo bwa Melikisedeki.

'Mel' guturuka kuri Melikisedeki isobanuye kuyobora naho 'sedeki' isobanuye kugirwa mwiza (umutambyi) cyangwa gukiranuka. Melikisedeki uvugwa mu isezerano rya kera ni umwami akaba n'umutambyi (Itangiriro 14:18-20). Bisobanuye ko abikora byombi. Igitangaje, Melikisedeki nta gisekuru afite nta nkomoko ye twabona tuvuga.

Icyo nkundira Yesu wanjye nuko yatugereyeyo akatubera umutambyi, si nibyo gusa atubera Umwami. Nkaba Kristo dukwiye gusobanukirwa uruhare

rwaga Yesu nk'umutambyi n'umwami mu buryo bwa Melikisedeki. Umwami wawe muri Kristo ufite inshingano ebyiri; umutambyi, winginga nk'umwunganizi mu cyumba cy'inkiko, nk'umucamanza kubw'ubutware bwawe nk'umwami muri Kristo.

Iyo bigeze mu isengesho, utangira winginga, uhagaze mu Ijambo ry'Imana, maze uko usoza isengesho ryawe, utangira gutangaza no kwatura ibintu kuko umwami uri muri wowe arayobora kandi ateguka hejuru y'inzitizi zose, si munsu y'inzitizi. Izina rya Yesu ni intwari yawe y'intwari, kandi Ijambo ry'Imana ni ikusanyirizo ry'intwari zizagufasha kurwanya ibitero by'umwami.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umutambyi n'umwami. Muri njye mfite ububasha bwose bw'Imana, iyo mvuze Ijambo, ibibazo byose bica bugufi, iyo ntangaje kandi nkatura, inzitizi zikurwaho. Ubuzima bwanjye ni ishusho y'ubwiza bw'Imana muri njye mu izina rya Yesu.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 110:4



**2 Abakorinto 4:13**

**Ariko dufitse uwo mutima wizera uvugwa mu byanditswe ngo "Nizeye, ni cyo cyatumye mvuga", natwe turizeye ni cyo gituma tuvuga.**

Inshuro nyinshi, nakomeje kubabwira ko abaKrosto bacecetse bapfa bacecetse kuko banze kuvuga. Iki nicyo gihe cyo kwatura ibi kuri wowe no ku mubiri wawe. Igihe cyo guceceka cyarangiyeye. Waba ufite ibibazo by'ubuzima cyangwa utabifite, subiranamo nanjye aya magambo kandi uyavuge n'umutima wawe wose. Subiramo, 'nduzuye muri Kristo, nta kintu na kimwe mbura mu mwuka, umubiri ndetse n'ubugingo".

Ibi ugomba kubimenya bikaba ibintu uzi kandi bikubeshaho. Ntushidikanye,

buri gihe ujye watura ibyo wizera ko bigomba kuba muri business yawe, mu rushako, umuryango, ubukungu, n'ubuzima bwawe- uzabona ibi byose biba mu buzima bwawe. Nanone, tangaza ibi ku buzima bwawe n'umuryango wawe uyu muni ndetse na buri muni. Vugira ku ijwi ryo hejuru ingingo zanjye zose zirakora neza mu izina rya Yesu!

Umutima wanjye uratera neza, ibihaha byanjye birinjiza umwuka neza, amaso yanjye arareba neza mu izina rya Yesu! Impyiko zanjye zikora neza cyane; inyama zanjye zose zirakora neza; ubucuruzi bwanjye buri kwaguka, ubukungu bwanjye buri kwiyongera mu izina rya Yesu! Bisubiremo buri muni maze urebe satani ngo ariruka. Ntabwo wabura intsinsi yawe mu izina rya Yesu rikomeye! Amen!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Umubiri wanjye uaubiza Ijambo ry'Imana ntububiza indwara! Ikimenyetso cy'Imana kiri kuri njye no muri njye kuko ndi ikiremwa cyayo gikoze neza. icyubahiro n'icy'Imana!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 3:12





**2 Petero 1:3**

**Kuko imbaraga z'ubumana bwayo za-tugabiye ibintu byose bizana ubugingo no kũbaha Imana, tubuheshejwe no kumenya neza uwaduhamagarishije ubwiza bwe n'ingeso ze nziza.**

Ubukene si ukubura amikoro cyangwa amafaranga. Ni ikubura ibitekerezo. Abantu bakunze kumbaza uti " gute naba umukire kandi ntafite igishoro cyo gutangirana ubucuruzi?" Igisubizo cyanyje ni iki Niba ushaka amafaranga kugira ngo ubone gutangiza umushinga, ntabwo uri umucuruzi. icyo ukeneye ni igishoro cy'ubwenge - igitekerezo. Umuntu wese wageze kure mu bucuruzi yatangiranye igitekerezo.

Ikirenzeho, ufite amahirwe menshi kuruta abantu basanzwe kuko ubuntu bw'Imana bugutandukanya n'abandi

bacuruzi. Hariho ubundi buryo bukomeye bukunze kwirengagizwa ku-byerekere gutera imbere, ni ukuba ufite umuhanuzi. Umuhanuzi aaba afite umwuka wo gutera imbere. Mubyukuri, Imana yahaye abahanuzi ibikenerwa byose ngo umuntu atere imbere.

AbaKristo bamwe ntibaramenya cyangwa se ntibazi kumenya umuhanuzi wabohererejwe. Abandi bazi umuhanuzi wabo, ariko ntibamwizera, ntibamenya yuko kwizera umuhanuzi Imana yaboherereje aricyo bisaba mu gutera imbere kwabo. Igihe ni gito, koresha ibyo Imana yahuhaye kugira ngo utere imbere nonaha. Wizere amagambo y'Umuhanuzi w'Imana maze utamgize umushinga wawe uyu munsu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfite imbaraga zo gutera imbere. Ubuntu bw'Imana butuma nera imbuto kandi ngatanga umusaruro, kandi umurimo wose nerekejeho amaboko utanga umusaruro mwiza. Ijambo rirakora ku bwanjye, kandi sinasubizwa inyuma mu izina rya Yesu rikomeye!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Ingoma 20:20



**Imigani 25:2**

**Icyubahisha Imana ni uko ikinga ibintu, Ariko abami bo bubahishwa no kubigenzura.**

Icyubahisha Imana ni ukuguhisha ibintu. Ariko ntiba igambiriye kubiguhisha ahubwo yishimira kukubona uri kuvumbura ibyo yakugeneye byose. Yarabyoroheje kuko byose yabihishe mu Ijambo Ryayo. Bibiliya irimo ubwenge bw'amabanga: amayobera y'Imana ahishwa abatizera ariko agahabwa abana b'Imana ku buntu. Ibyo ukeneye byose biri mu Ijambo ry'Imana. icyo usabwa ni ugushaka Ijambo ukeneye!

Si ukuri kose ahubwo ni ukuri uzi niko kuzakubatura mu buzima bwawe, ubukungu, imibanire, mu mwuka,

n'ahandi hantu hose hakenera gucungurwa no kubohorwa. AbaKristo bagaburirwa ku kiyiko bafite ubumenyi buke bahabwa n'ababigisha cyangwa bababwiriza ariko AbaKristo bakuze bumva neza ko umugambi w'Imana ari "ugusesengura ushakisha" ukuyongerera kubyo wigishijwe.

Ibyo nibyo abami bakora. Rero, iyo ukeneye ukuri ku kintu runaka, ingorane cyangwa ikibazo ushaka ko gihinduka, bishakishe mu Ijambo. Mwuka Wera azagufasha kubona icyo washakaga kandi ntazagutenguha. Rero, Humura! Ijambo rirakora!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ijambo riri kubaka imiterere ya Kristo muri nje. Nkora icyo ijambo rivuga, nsarura ibyiza byose Imana yampaye. Ndatangaza kandi ndatura, ubuzima bwanjye bwuzuye ibyishimo, umwuzuro, ubukire, n'icyubahiro!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Timothy 2:15





**2 Abakorinto 5:20**

**Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho Imana ibingiringira muri twe. Nuko rero, tura-bahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiye n'Imana,**

Ni ingenzi cyane kumenya uwo uriwe. Bibiliya ivuga ko turi intumwa mu cyimbo cya Kristo, kandi intumwa (ambasaderi) ni akazi gahoraho. Uri umuturage uhagarariye guverinoma y'Imana, washyizweho n'Umuremyi w'isanzure aguha inshingano za diplomasi. Uri ministiri w'ubwiyunge woherejwe guhagarira amahoro, ubukungu, uburinzi, n'imbaraga z' iwanyu, Siyoni.

Nk'intumwa, ntabwo uhungabanywa n'ubukungu bwiye si. Uhabwa ibikubeshaho n'igihugu waturutse.

Ikindi kintu gitangaje kuri ambasaderi. Inzu abamo ntabwo yitwa ambasade ahubwo ni chancery. Yitwa ambasade igihe ambasaderi ayirimo. Ibi bisobanuye ko umubiri wawe ndetse n'iyi si ari ambasade yawe.

Ntibikabe ko ubaho ubuzima busanzwe kandi uhagarariye Uri hejuru ya byose, Umwami Yesu Kristo! Nk'ambasaderi, wemerewe kuzamura ibendera ry'igihugu cyawe kandi uri mukindi gihugu. Uhagarariye ibyo igihugu cyawe cyemera byose. Igihe cyose ukiri hano aho uri hose bakurikiza umuco wawe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nzi uwo ndi we. Sindi uwiye si. Ndi uhagarariye Imana ku isi. Mfite ubudahangarwa bwa diplomasi ku ndwara, ibimenyetso by'iyi si. Isi ni ambasade yanjye, kandi aho njya hose mpasiga ikirere cy'Ijuru.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 5:18



**Romans 12:2**

**Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.**

Igihe kinini, itorero ryamaze kumenyera imikorere y'isi. Ingo zisenyuka ziri kwiyongera cyane muba Kristo kurusha abatizera. Ababwiriza butumwa baretse ukuri nashyigikira ibikurira abantu. Isi yerekeje ikuzimu mu gitebo, kandi ababwiriza bamwe bafasha mu kuboha icyo gitebo, gusa twe twiyandikishije mu buzima bwimbitse twakuyeho uwo mucu w'isi.

Muriyi minsi yanyuma itwegereza ku kuzamurwa, umurongo uta dukanya itorero nyakuri n'isi uragenda ugaragara

cyane. Igihe kirageze ngo abaKristu nyabo bahagarare mubukiranutsi bwacu bange kwifatanya n'isi. Umurongo isi igenderaho ni icyaha no kutubahiriza amategeko, aho ikintu cyose kijya mu izina "ry'ubudahezwa". Umurongo isi igenderaho ni ukwemera indwara n'ibiza nk'ubuzima bwa buri muni.

Umurongo isi itanga ni uguhembwa macye kandi mukabaho mwifashe ku minwa. Tugomba muri uwo murongo bashyizeho tugakangurira amatwi yacu kumva Ijambo ry'Imana. Fata umwanya wawe uhagarare ku ruhande rw'Imana kandi ntumanike amaboko! Ijambo ry'Imana urhindure inkingi y'ubuzima, ubukungu imibanire ndetse urigire ubuzima.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nanze kugendera ku byo isi igenderaho. Ndategetse kandi ndatangaza, imiterere n'imitekerereze yanjye ni nkibya Kristo. Amaguru yanjye ahagaze yemye ku rufatiro rw'Ijambo, kandi sinzanyeganyezwa mu izina rya Yesu rikomeye!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 12:1-2





**Daniyeli 11:32**

**Abaca mu isezerano azabayobesha kubashyeshyenga, ariko abantu bazi Imana yabo bazakomera bakore iby'ubutwari.**

Njye sinizera. Narekeye kwizera kera. Nzi Imana!

Urabona, umuKriato si umwizera. Bibiliya itubwira ko hari imbaraga zahawe abizera - si abaKristo. Ni imbaraga zo kuba abana b'Imana. Bisobanuye ko uwizera ari umuntu utaraba umwana w'Imana. icyanditswe kiravuga ngo abazi Imana yabo nibo bzzakomera bagakora iby'ubutwari.

Hariho ubumenyi bw'inararibonye ugomba kuba ufite ku Mana na Yo ibugufiteho. Aburamu yabibonye

igihe yagendaga mu kwizera agoye gutamba umwana we. Aho niho Imana yavuze ngo noneho ndabimenye ko untinya! Inzira yonyine yo kumenya Imana ni mu Ijambo. Bibiliya iravuga ngo Uwahozeho uhereye mbere na mbere, uwo twumvise, uwo twibonyeye n'amaso yacu, kandi uwo twitegereje intoki zacu zikamukoraho, ari we Jambo ry'ubugingo (1 Yohana 1:1)

Ubumenyi ufite ku Ijambo tububonera mu byo ukora: intabwe zo kwizera utera ugendeye ku Ijambo, rero hakana kuba uwemera. Uraruta ibyo! Nawe ushobora Kumumenya. Tangira witoze kugirana ubunararibonye n'Imana utoza kwizera kwawe mu Ijambo, uzakora iby'ubutwari.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfite ubutwari. Nta kintu na kimwe ntinya kuko nzi Imana yanjye! Buri munsu, ngira intsinzi zitigeze zibaho. Ndwanya ibindwanya byose, kuko Imana iri kumwe nanjye. Hallelujah!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 1:12



**1 Yohana 5:14-15**

**Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka, kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n'uko duhawe ibyo tumusabye.**

Kwizera ni tekinike, kandi ushobora gukura muri ko igihe usobanukiwe neza uko gukora. Hariho ubuntu bwo gutunga imitungo yawe, no gukusanya ibyawe byose, gusa hari umurongo wo gukurikira ugakoresha ukwizera kwawe maze ukabona ibyo wifuza. Imana yaguhaye garanti mu Ijambo ryayo, inzira yo kubona ibyo usaba byose, kandi ihame ni iri: niba ubona icyo ushaka mu Ijambo Ryayo, Imana ikabona ko ubibona, ubwo nibwo bwishingizi bwuko ibyo usaba ubifite.

Bibiliya itubwira ko Imana ikora byose nk'uko ibishaka mu mutima wayo. Ibi ntibisobanura ko Imana isubira kureba mu byanditswe. Niwe Jambol! Ibi bisobanuye ko Ikoresha Ijambo ryayo kugira ngo ibone icyo ishaka. Kubwibyho, itegereje ko nawe ariko ubigenza kandi dore icyiza cyabyo: iyo ubonye icyo ushaka mu Ijambo, ntabwo usenga kuko ugishaka; ahubwo usenga kuko wamaze kugihabwa! Ni gute wamenya ko wamaze kugihabwa? Wakibonye mu Ijambo! Ikiba gisigaye ni ukubwira Imana ko wakibonye!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Imana iranyumva buri gihe uko nsenze kandi kwizera Ijambo ryayo binzanira ibisubizo inshuro ijana ku ijana buri gihe!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abefeso 1:11





**2 Abakorinto 2:14**

**Ariko Imana ishimwe kuko ihora ituran-gaje imbere, ikaduha kuneshereza muri Kristo no gukwiza hose impumuro nziza yo kuyimenya,**

Nandika ibitabo kuko mba nahawe amabwiriza n'Imana yo kubyandika. Igitabo cyose nanditse kiba cyifitemo ubuntu mfite. Ariko, ihishurirwa, amabwiriza y'Umwuka, n'ibindi byo gushyira mubikorwa byose biri muri izi mpapuro ntiibishobora kumenyekana keretse iyo mbwiye umuntu kugisoma. Kubwiye mpamvu, igihe cyose ndi kwandika igitabo, mpitamo umutwe w'amagambo utuma buri wese yumva ikibazo igitabo kiri gusubizaho.

Umutwe w'amagambo uri inyuma usobanura agaciro k'ibiri mu imbere. Iri ni

ihame ryibanze ryo kwamamaza ni nayo mpamvu ibitabo byanjye bigurishwa. Ni wowe mutwe w'amagambo Imana yambaye. Yinjiye muri wowe kugira ngo aguhe agaciro ke. Uwo ari we, n'ubushobozi bwe bwose biri muri wowe. Rero, umuntu utazi Imana nakureba, bakwiye kubona ikibazo usubiza.

Niba bari mu mwijima, bakwiye kukureba bakabona umucyo. Niba bafite "amezi menshi kuruta amafaranga" bakwiye kukubonaho gutera imbere mu butunzi. Niba barwaye bakeneye gukira, mu maso hawe hagomba kwerekana ubuzima Bwe n'imbaraga zo gukiza. Uri amayeri meza y'Imana yo kwamamaza. Ereka isi icyo wifitemo mu imbere!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umuntu w'agaciro. Ndi igisubizo cy'ibibazo biza bingana. Aho njya hose, nsakaza ubumenyi buhumura neza bw'Ijambo ry'Imana. Ndiyerekana kubwa Kristo.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 5: 14-16



**1 Abakorinto 14:10**

**Indimi zo mu isi nubwo ari nyinshi zite nta rudafite uko rusobanurwa.**

Umurongo dusomye uyu muni uratubwira neza ko buri jwi rifite icyo risobanuye. Buri jambo ryose uvuze rizana igisubizo, kandi Imana itegereje ko, wowe umwana Wayo, kugira ngo ukoreshe iri koranabuhanga ry'ijwi Yaguhaye uyikoreshe kubw'amahirwe yawe yose. Ijwi ryawe ryashyizweho n'Imana kugira ngo ushushanye imigisha Imana yaguhaye yose mubuzima bwawe. Iyo uvuze uba ushyizeho imihanda n'ikiraro abamarayika bakoresha bagenda.

Uko urushaho kwatura no gutangaza imigisha y'Imana mu buzima bwawe, niko uba uherezwa abamarayika imbaraga zo kukuzanira ibyiza by'agakiza.

Niyo mpamvu utagomba kuvuga ubukene. Iyo uvuze ikintu kidagura n'ijambo ry'Imana, aho kugira ngo uhe imbaraga abamarayika, uba uhaye abadayimoni imbaraga maze ubwo bukene buzakugeraho.

Amagambo nka "mfite ubukene", "sinashobora kubigura", "ntabwo mfite ibihagije" ntibikabe amwe mu amagambo aturuka mu kanwa kawe. Ni byiza ko abantu bavuga ko wiyemera kurusha uko abadayimoni bakumva aya magambo akuva mu kanwa. Amagambo yawe afite imbaraga! Kubwiby, ubikoreshe kugira ngo ubone imbuto z'umwuzuro wemerewe.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ntabwo uvukungu bwanjye bugabanuka cyangwa ngo buhungabane. Ndatara kandi ndatangaza ko ndi umukungu ku rwe rwo hejuru! Nibera ahantu h'ubutunzi kandi ubukungu bw'umuryango wanjye burarinzwe mu izina rya Yesu rikomeye!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 13:2





**1 Abakorinto 14:4**

**Uvuga ururimi rutamenyekana aba yiyungura, ariko uhanura yungura Iforero.**

Birashoboka ko umuntu yagira umwuma kandi ntabimenye. Ni kimwe nuko terefone yawe yashiramo umuriro ntubimenye ahubwo ukabibwirwa nuko izimye. Ibyo ni kimwe nuko imbaraga zawe my Mwuka zaba ari nkeya ntubimenye. Iyo utegereje ko ugira inyota ngo ubone kunywa amazi, icyo gihe uba wamaze kugira umwuma. Rero, aho kugira ngo ugere ku rwego rwo kumva inyota, icyiza ni uko wakomeza unywa amazi hagati mu munsu.

Muri ubwo buryo, ni byiza ko wakomeza gucunga bateri yawe kugira ngo idashiramo umuriro phone ikazima.

Ibyo nabyo birakenewe ku mbaraga zawe z'Umwuka. Iyo uvuze cyangwa ugasenga mu rurimi rutamenyekana uba wiyongerera imbaraga z'Umwuka. Wiyongerera imbaraga nka bateri wiyuzuzura imbaraga z'Ijambo ry'Imana. Iyo Yesu yasengeraga abarwayi, imbaraga zamuvagamo.

Yarabimenyaga iyo imbaraga zamuvgaho zikagabanuka, akiyongerera izindi mu isengesho. Bamwe bitabaza ibinyobwa bya siporo cyangwa imiti kugirango bongere imbaraga, ariko dufite imbaraga zacu zo mu mwuka. Iminota itanu uvuga mu ndimi ishobora kuguha imbaraga zo guhangana n'imyaka 20 y'ibibazo. Ntugategereze ko imbaraga zawe zigabanuka. Ahubwo fata umwanya wawe mu munsu wiyuzuze imbaraga mu isengesho.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Imbaraga z'Ijambo ry'Imana zikorera muri nje! Iyo nsenga sekibi biramucanga kuko mba nturika nk'igisasu ku bibazo byanjye. Ibibazo byanjye birarangiye, kandi ibintu biri kugenda neza mubuzima, mu izina rya Yesu.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abefeso 3:20



**2 Abakorinto 5:17**

**Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.**

Amafaranga yamenyereweho kunanirwa kuko ari kimwe mu bigize sisitemu y'isi, kandi iyo sisitemu irahumanye, ariko iyo ubaye icyaremwe gishya muri Kristo, Bibiliya ivuga ko ibintu byose biba byabaye bishya, kandi ibintu byose biba biva ku Mana. Ibyo bikubiyemo n'amafaranga yawe. Ikiyagira mashya ni agaciro uyashyiraho, kandi ako gaciro kagenwa n'uko uyakoresha. Ushobora gusunika amafaranga yawe mu isi y'umwuka mu kwegurira amafaranga yawe kugukorera Imana.

Niba Imana ishobora kuyakunyuzamo, izayakugezho. Amafaranga araje! Amafaranga yawe araje! Kandi abantu b'Imana bazaba abakire! Ariko usobanukirwe ko amafaranga atari byose kandi si nayo herezo rya byose. Amafaranga ni uburyo bwo kubona ibintu bifite agaciro koko – ibintu by'agaciro k'iteka ryose. Niyo mpamvu tuvuga ku kugira amafaranga afite intego.

Dusobanukiwe ko iyo dukora, tutaba dukorera imibereho; dukore-ra gutanga. Ni ubushake bw'Imana kuri wowe ko utera imbere mu bukungu kugira ngo uhitemo ubuzima ushaka aho kugira ngo abantu baguhitiremo. Kandi igikomeye kuruta ibindi, ni mu muyoboro w'amafaranga yawe, Ubtutumwa bwiza na gahunda y'Ubwami bw'Imana bizakazwa kure!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ubucuruzi bwanjye ntabwo buzapfuba, kandi ubukungu bwanjye ntibuzakamp. Nasigiwe ubutsinzi bwiza; amafaranga yanjye araje kandi aguma aza!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Itangiriro 47:15





**Zaburi 105:37**

**Akuramo ba bandi, Bafite ifeza n'izahabu, Nta munyantege nke n'umwe, Wari uri mu miryango ye yose.**

Igihe abana ba Isiraheli bakoze urugendo bava muri Egipta, nta wari umunyantege nke cyangwa urwaye muri bo. Bose bari bafite ubuzima bwiza kandi bafite imbaraga. Ubu, Itorero vuba riratangira urugendo rukomeye kurusha izindi – imperuka! Umwami araza vuba, kandi abera b'Imana bazahurira na we mu bicu. icyubahiro kibe icy'Imana!

Bibiliya iravuga ngo azaza kubw'Itorero ry'ubwiza ridafite inkovu cyangwa ikizinga. Nituva muri iyi si, tuzambikwa imibiri y'icyubahiro izarwara cyangwa ngo ipfe. Uburwayi mu mubiri wawe

buvuze ko ubumenyi ku burwayi ari bwinshi kurusha ubumenyi ku ljambo rivuga ko wakize. Gukira byaratanzwe kandi birahari ku bwawe ubu none aha!

Ntabwo ukeneye gutegereza kugeza ku mperuka ngo ube mu mubiri ufite ubuzima bwiza kandi ufite imbaraga. Izere gusa icyo Imana ivuga ku gukira kwawe hanyuma utangire kuvuga amagambo ari mu murongo w'Ijambo ryaYo. Ntushakishe ibimenyetso byawe kuri murandasi; jya mu ljambo! Ubwo watura ljambo ku mubiri wawe kubyerekeranye no gukira kwawe, urema inzira kugira ngo indwara yawe isohoke, hanyuma gukira bibe ukuri kwawe k'uyu muni.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nahawe ubuzima bw'Imana mu mubiri wanjye. Imbaraga zo gukira za Kristo zirigutemba muri jye, kandi ndahembuwe ku rwego rwa selire na molekire. Yesu ni umuvuzi wanjye, kandi nakiriye ubuntu Bwe bwo gukira none aha!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Abakorinto 15:51-53

## ICYANDITSWE CY'UBURINZI

### YESAYA 54:

14 NUBATSWE NKOMEYE, NSHINZWE MU GUKIRANUKA. KURE Y'IKIBAZO CYOSE—NTACYO GUTINYA! KURE Y'BITEYE UBWOBA —NTABWO BIZANANYEGERA!

15 UMUNTU UWARI WE WESE NANTERA, NTABWO NZATEKEREZA NA RIMWE KO ARI IMANA YABOHEREJE. KANDI UMWE NANTERA, CYAKIZAVAMO.

16 IMANA YAREMYE UMUCUZI UTWIKI INYUNDO YE, AGAKORA INTWARO YAGENEWE KWICA. NI NAYO YAREMYE UMURIMBUZI.

17 ARIKO NTA NTWARO YAGIRA ICYO INTWARA YIGEZE ICURWA. UWO ARI WE WESE UNDEGA AZIRUKANWA NK'UMUNYABINYOMA. NDI UMUKOZI W'IMANA KUGIRA NGO ICYO NATEGEREZA, KO IMANA IZAKORA KU BURYO BURI KINTU GIKORERA KUZANA IBYIZA BIRUSHA IBINDI BYOSE KU BWANJYE.

**IBI NI BYO IMANA IMVUGAHO  
NTABWO BIZAPFUBA MU IZINA RYA YESU!**

TRANSLATED FROM THE MESSAGE BIBLE IN ENGLISH





## ESE WAKIRIYE YESU KRISTO?

TURAGUTUMIYE KUGIRA UHINDURE YESU KRISTO  
UMWAMI W'UBUZIMA BWAVE MU GUSENGA IRI SENGESHO;

O MWAMI MANA, NJE IWAVE MU IZINA RYA YESU KRISTO.  
NIZERA N'UMUTIMA WANJYE WOSE MURI YESU KRISTO,  
UMWANA W'IMANA IRIHO. NIZERA KO YAMFIRIYE KANDI  
IMANA IKAMUZAMURA MU BAPFUYE. NIZERA KO ARI MUZIMA  
UYU MUNSI. NDATUZA AKANWA KANJYE KO YESU KRISTO ARI  
UMWAMI W'UBUZIMA BWANJYE GUHERA UYU MUNSI. MURI  
WE NO MU IZINA RYE, MFITE UBUZIMA BW'ITEKA RYOSE;  
NAVUTSE BWA KABIRI. URAKOZE MWAMI, GUCUNGURA  
UBUGINGO BWANJYE! UBU NDI UMWANA W'IMANA.  
HALLELUYAH!

MBEGA IBYISHIMO! UBU UBAYE UMWANA W'IMANA.

TO RECEIVE MORE INFORMATION ON HOW YOU CAN GROW AS  
A CHRISTIAN, PLEASE GET IN TOUCH WITH US ON

**UK: +44 3333 448 612**

**USA +1 240 781 6942**

**RSA +27 51 004 0209**

[WWW.UEBERTANGEL.ORG](http://WWW.UEBERTANGEL.ORG) | [WWW.GOODNEWSWORLD.COM](http://WWW.GOODNEWSWORLD.COM)



The **GoodNewsWorld** Helplines

USA: +1 (240) 781-6942

UK: +44 333 344 8612

RSA: +27 (51) 004-0209

[www.goodnewsworld.com](http://www.goodnewsworld.com)